**CHAPITRE II: SERVICES CHARGES DE L'ENQUETE, DE L'INSTRUCTION ET DE LA POURSUITE**

**Section première: Police Judiciaire**

**Sous-section première: Organisation de la Police Judiciaire**

**Article 18: Fonctions de la Police Judiciaire**

Les fonctions de la Police Judiciaire sont exercées par les Officiers de Police Judiciaire sous la supervision et suivant les instructions de l'Organe National de Poursuite Judiciaire en ce qui concerne les infractions faisant l'objet d'instruction.

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

Ku bagenzacyaha ba gisirikare, bayoborwa mu kazi kabo kandi bakagenzurwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare.

**Ingingo ya 19 : Abagize Ubugenzacyaha**

Ubugenzacyaha bugizwe n'aba bakurikira :

- 1° abagenzacyaha b'abapolisi;
- 2° abagenzacyaha ba gisirikare;
- 3° abakozi bo mu rwego rwa Leta bahabwa n'itegeko cyangwa na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ububasha bw'ubugenzacyaha.

Abagenzacyaha bakora uwo murimo gusa ku byaha bashinzwe kugenza kandi byo mu ifasi yabo.

Bagengwa n'amategeko agenga umurimo wabo w'ibanze.

Icyakora, iyo bakora imirimo y'Ubugenzacyaha, hakurikizwa ibivugwa muri iri tegeko.

Military Judicial Police Officers shall work under the authority and supervision of the Military Prosecutor General.

**Article 19: Composition of the Judicial Police**

The Judicial Police shall comprise the following:

- 1° criminal investigation police officers;
- 2° criminal investigation military officers;
- 3° civil servants empowered by the law or the Minister in charge of justice to act as Judicial Police Officers.

Judicial Police Officers shall discharge their duties only with respect to the offences falling within their competence and territorial jurisdiction.

They shall be governed by laws governing their main professions.

However, this Law shall apply to them whenever they are exercising judicial police functions.

Les Officiers de Police Judiciaire Militaire exercent leurs fonctions sous la direction et la surveillance de l'Auditeur Général Militaire.

**Article 19: Composition de la Police Judiciaire**

La Police Judiciaire comprend :

- 1° les officiers de police judiciaire de la Police Nationale du Rwanda;
- 2° les officiers de Police Judiciaire Militaire;
- 3° les agents de l'Etat auxquels la loi ou le Ministre ayant la Justice dans ses attributions accorde la qualité d'Officiers de Police Judiciaire.

Les Officiers de Police Judiciaire exercent cette fonction uniquement pour les infractions relevant de leur compétence et dans l'étendue de leur ressort.

Ils sont régis par le statut de leurs fonctions principales.

Toutefois, ils sont régis par la présente loi dans l'exercice de leurs fonctions de police judiciaire.

**Akiciro ka 2: Inshingano z'Ubugenzacyaha n'uko zishyirwa mu bikorwa**

**A. Iperereza rikorwa n'Ubugenzacyaha**

**Ingingo ya 20: Inshingano z'Ubugenzacyaha**

Ubugenzacyaha bufite inshingano zikurikira:

- 1° gushakisha ibyaha;
- 2° kwakira ibirego n'inyandiko zijyanye n'ibyaha;
- 3° gukusanya ibimenyetso bishinja n'ibishinjura;
- 4° gushakisha abakoze ibyaha, abafatanyije na bo n'ibytso byabo kugira ngo bakurikiranwe n'Ubushinjacyaha.

**Ingingo ya 21: Uburyo iperereza rikorwa**

Abagenzacyaha bakora iperereza babyibwirije, baregawe cyangwa se babitegetswe n'Ubushinjacyaha.

Abagenzacyaha ni bo bashinzwe gukora iperereza mu rwego rwa mbere.

**Sub-section 2: Responsibilities of the Judicial Police and how they are discharged**

**A. Investigation by Judicial Police**

**Article 20: Responsibilities of the Judicial Police**

The Judicial Police shall be responsible for:

- 1° detecting offenses;
- 2° receiving complaints and documents relating to such offenses;
- 3° gathering incriminating and exculpatory evidence;
- 4° searching for perpetrators of such offences, their co-offenders and accomplices so that they can be prosecuted by the Public Prosecution.

**Article 21: Investigative procedure**

Judicial Police Officers shall institute investigation on their own initiative, upon complaint or instruction from the Public Prosecution.

Judicial Police Officers shall have the primary responsibility to conduct preliminary investigation.

**Sous-section 2: Attributions de la Police Judiciaire et modalités de leur exercice**

**A. Enquête par la Police Judiciaire**

**Article 20: Attributions de la Police Judiciaire**

La Police Judiciaire est chargée de :

- 1° constater les infractions ;
- 2° recevoir les plaintes et documents relatifs aux infractions ;
- 3° rassembler les preuves à charge et à décharge ;
- 4° rechercher les auteurs, leurs coauteurs et complices pour que l'Organe National de Poursuite exerce l'action publique à leur rencontre.

**Article 21: Procédure d'enquête préliminaire**

Les Officiers de Police Judiciaire procèdent à des actes d'enquête préliminaire soit d'office, soit sur plainte ou dénonciation, soit sur instruction de l'Organe National de Poursuite.

Les Officiers de Police Judiciaire ont le monopole des actes d'enquête préliminaires.

Icyakora, iyo baregwe bakanga kwakira ikirego cyangwa kugikorera iperereza nta mpamvu, uwari watanze ikirego mu Bugenzacyaha ashobora guhita agitanga mu Bushinjacyaha. Icyo gihe Ubushinjacyaha nabwo bushobora gukora iperereza ry'ibanze, bumaze kureba niba koko Ubugenzacyaha bwararegwe ntibugire icyo bukora ku kirego.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, nta kirego Ubushinjacyaha bwakira kitanyuze mu Bugenzacyaha.

**Ingingo ya 22: Uburyo bwo kuregera Ubugenzacyaha**

Kuregera Ubugenzacyaha bishobora gukorwa mu magambo cyangwa mu nyandiko. Iyo bikoze mu magambo, Ubugenzacyaha bugomba kubishyira mu nyandiko.

**Ingingo ya 23: Kugera aho icyaha cyakorewe**

Iyo umugenzacyaha amenye ko icyaha cyakozwe, agomba guhita ajya aho cyakorewe, akareba uburyo cyakozwemo.

Iyo icyaha cyakozwe ari icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, umugenzacyaha wakimenyeshewe yihutira kukimenyeshya Ubushinjacyaha.

However, if they either refuse to receive a complaint or to conduct investigation without reasonable cause, the person filing the complaint with the Judicial Police may file it directly with the Public Prosecution. In that case, the Public Prosecution may conduct preliminary investigation after finding out that the Judicial Police failed to act after the complaint was filed.

Without prejudice to the provisions of Paragraph 3 of this Article, no complaint shall be received by the Public Prosecution without being previously filed with the Judicial Police.

**Article 22: Procedure for filing a complaint with the Judicial Police**

A complaint may be filed with the Judicial Police either orally or in writing. If the complaint is filed orally, the Judicial Police must put it in writing.

**Article 23: Visiting the scene of the offense**

Upon receiving information about the commission of an offense, a Judicial Police Officer must immediately visit the scene of the offense and note all the relevant facts.

If the offense committed is a felony or a misdemeanour, the Judicial Police Officer receiving such information must immediately report it to the Public Prosecution.

Néanmoins, si, sans motif valable, ils refusent de recevoir la plainte ou de mener l'enquête préliminaire, le plaignant auprès de la Police Judiciaire peut saisir directement l'Organe National de Poursuite. Dans ce cas, l'Organe National de Poursuite peut mener l'enquête préliminaire après avoir vérifié si réellement la Police Judiciaire a été saisie de la plainte et n'a pas fait l'enquête préliminaire.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 3 du présent article, aucune plainte ne peut être reçue par l'Organe National de Poursuite sans avoir préalablement été portée devant la Police Judiciaire.

**Article 22: Modalité de porter plainte ou dénoncer une infraction à la Police Judiciaire**

La plainte ou dénonciation d'une infraction peut être faite oralement ou par écrit. Si elle est faite oralement, la Police Judiciaire doit la mettre en écrit.

**Article 23: Descente sur le lieu de l'infraction**

Dès que l'Officier de Police Judiciaire a connaissance de l'infraction, il doit se rendre sur le lieu de l'infraction et procéder à toutes constatations utiles.

Si l'infraction commise est un crime ou un délit, l'Officier de Police Judiciaire qui en est avisé, doit immédiatement informer l'Organe National de Poursuite.

**Ingingo ya 24: Gufata neza ibimenyetso**

Umugenzacyaha agomba gufata neza ibimenyetso bishobora gusibangana n'ibindi byose byafasha kugaragaza ukuri.

Umuntu wese utabifitiye ububasha abujijwe guhindura imiterere y'ahakorewe icyaha kimwe no kugira ibyo ahakura mu gihe cyose umugenzacyaha ataratangira imirimo y'iperereza.

Icyakora, ku mpamvu z'umutekano cyangwa isuku kimwe n'izerekeranye no gutabara uwakorewe icyaha, bishobora kuba ngombwa guhindura imiterere y'ahakorewe icyaha cyangwa kugira bimwe mu bimenyetso bihakurwa.

**Ingingo ya 25: Ibazwa**

Umugenzacyaha abaza ukekwa ko yakoze icyaha kandi agashyira mu nyandiko ibisobanuro bye. Ibazwa rikorwa mu rurimi ubazwa yumva neza.

Umugenzacyaha ashobora kandi kubaza umuntu wese akeka ko ashobora kugira ibisobanuro atanga no kumuhatira gutanga ubuhamyama amaze kurahira mu buryo buteganywa mu ngingo ya 56 y'iri tegeko. Ashobora kandi kubuza uwo ari we wese kutarenga ahantu akena kugeza igihe arangirije inyandikomvugo kandi byaba ngombwa, akamuhatira kuhaguma.

**Article 24: Preserving evidence**

A Judicial Police Officer must preserve evidence which is likely to disappear and anything which can help to ascertain the truth.

An unauthorized person shall not alter the condition of the scene of the offence or remove anything from the scene before a Judicial Police Officer commences investigation.

However, for reasons of safety or hygiene or in order to rescue the victim of the offence, it may be necessary to alter the condition of the scene of the offence or remove some of the evidence.

**Article 25: Interrogation**

A Judicial Police Officer shall interrogate a suspect and make a written record of the statement made by the suspect. The suspect shall be interrogated in the language he/she understands well.

A Judicial Police Officer may also interrogate any person presumed to have some clarification and compel him/her to give testimony under oath in the manner provided for under Article 56 of this Law. He/she may also prevent any person from moving away from a specified area until completion of the statement and, if necessary, to compel him/her to stay in that area.

**Article 24: Conservation des indices ou preuves**

L'Officier de Police Judiciaire doit veiller à la conservation des indices ou preuves susceptibles de disparaître et de tout ce qui peut servir à la manifestation de la vérité.

Il est strictement interdit à toute personne non habilitée, de modifier l'état des lieux de l'infraction et d'y effectuer des prélèvements quelconques avant que l'Officier de Police Judiciaire ne commence l'enquête.

Toutefois, pour des raisons de sécurité ou de salubrité publique ou lorsque la victime a besoin de soins, la modification de l'état des lieux de l'infraction ou le prélèvement de quelques indices sur ces lieux peut être effectué.

**Article 25: Interrogatoire**

L'Officier de Police Judiciaire interroge le suspect et recueille par écrit ses explications. L'interrogatoire se fait dans la langue que la personne interrogée comprend bien.

L'Officier de Police Judiciaire peut également interroger toute personne présumée en état de donner des éclaircissements et l'astreindre à déposer sous serment dans les conditions prévues à l'article 56 de la présente loi. Il peut aussi défendre à toute personne de s'éloigner des lieux qu'il détermine jusqu'à la clôture de son procès-verbal et, au besoin, la contraindre à y rester.

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

Ubugenzacyaha bugomba buri gihe kumenyesha ukekwa icyaha kimwe n'urega uburenganzira bemererwa n'amategeko.

**Ingingo ya 26: Guhamagazwa n'umugenzacyaha**

Umuntu uhamagawe n'umugenzacyaha ku mpamvu z'iperereza ategetswe kumwitaba. Iyo atabikoze, ashobora kumwoherereza urwandiko rumuzana ku gahato rugira agaciro k'amezi atatu (3) ashobora kongerwa.

**Ingingo ya 27: Inyandikomvugo**

Umugenzacyaha yandika mu nyandikomvugo ibi bikurikira :

- 1° ubwoko bw'icyaha n'uburyo cyakozwe;
- 2° igihe n'ahantu cyakorewe;
- 3° ibimenyetso bishinja cyangwa bishinjura ukekwa ko yakoze icyaha;
- 4° imvugo y'abantu bari bahari bikorwa cyangwa bafite icyo babisobanuraho.

Umugenzacyaha asaba uwabajijwe gusoma imvugo ye uko yanditswe nyuma akayishyiraho umukono iyo ayemeye. Iyo atazi gusoma, Umugenzacyaha

The Judicial Police must always inform the suspect and the complainant about their rights provided for by law.

**Article 26: Summoning by a Judicial Police Officer**

A person summoned by a Judicial Police Officer for the purposes of investigation shall be bound to appear. If the summoned person does not appear, the Judicial Police Officer may issue a warrant to bring by force which is valid for three (3) months renewable.

**Article 27: Statement**

A Judicial Police Officer shall include the following in the statement:

- 1° the nature and circumstances of the offense;
- 2° the time and place of the commission of the offense;
- 3° evidence incriminating or exculpating the suspect;
- 4° a statement from eye witnesses or persons with some clarifications.

The Judicial Police Officer shall ask the person being interrogated to read the statement put in writing and sign it if he/she agrees to its contents.

La Police Judiciaire est tenu d'informer chaque fois le suspect et le plaignant des droits que leur garantit la loi.

**Article 26: Convocation par un Officier de Police Judiciaire**

La personne convoquée par un Officier de Police Judiciaire à des fins d'enquête est tenue de comparaître. Si elle refuse de comparaître, il peut délivrer à son encontre un mandat d'amener valable pour trois (3) mois renouvelables.

**Article 27: Procès-verbal**

L'Officier de Police Judiciaire consigne dans son procès-verbal ce qui suit:

- 1° la nature et les circonstances de l'infraction ;
- 2° le temps et le lieu où l'infraction a été commise;
- 3° les preuves à charge ou à décharge du suspect;
- 4° les dépositions des témoins oculaires ou des personnes qui auraient des renseignements à fournir.

L'Officier de Police Judiciaire demande à la personne interrogée de lire le procès verbal d'audition et de le signer s'il est satisfait du

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

aramusomera.

Iyo yanze cyangwa adashobora gushyiraho umukono, byandikwa mu nyandikomvugo.

Amakosa agaragaye mu nyandikomvugo akosorwa binyuze mu nzira yo gukora inyandikomvugo y'inyongera.

Inyandikomvugo irangizwa n'indahiro yanditse ikurikira: "Ndahiye ko iyi nyandikomvugo ari ukuri".

**Ingingo ya 28: Isaka**

Umugenzacyaha, mu gihe asanga ibimenyetso akeneye bigizwe n'impapuro, inyandiko n'ibindi bintu bibitswe n'ukekwaho icyaha cyangwa se undi wese, ashobora kujya gusaka aho biherereye yitwaje uruhushya rwo gusaka ahabwa n'Ubushinjacyaha.

Iyo ari ukujya mu rugo, iyo mirimo ntishobora gukorwa mbere ya saa kumi n'ebiyiri za mu gitondo na nyuma ya saa kumi n'ebiyiri za nimugoroba, keretse iyo hari impamvu zikomeye zituma umuntu yatinya ko ibimenyetso bishakishwa byarigiswa. Icyakora, buri gihe isaka rikorwa hari abahagarariye ubuyobozi bw'ibanze bw'aho icyo gikorwa kibera.

If the person being interrogated cannot read, the Judicial Police Officer shall read the statement to him/her.

If the person being interrogated refuses or is unable to sign, his/her refusal or inability shall be recorded in the statement.

Errors found in the statement shall be corrected by making an additional statement.

A statement shall be concluded by the following written oath: "I hereby swear that this statement contains nothing but the truth".

**Article 28: Search**

If a Judicial Police Officer finds that the evidence required is made up of papers, documents and other items held by the suspect or any other person, he/she may, upon obtaining a search warrant from the National Public Prosecution, visit and search the place where such items are kept.

When a home must be searched, the search shall be conducted neither before 6 am nor after 6 pm unless there are serious grounds for believing that evidence may disappear. However, any such search shall always be conducted in the presence of the representatives of the local authorities of the place of search.

contenu. Au cas où la personne interrogée ne sait pas lire, l'Officier de Police Judiciaire lit pour son compte.

Si la personne interrogée refuse ou est incapable de signer, ce détail est signalé dans le procès-verbal d'audition.

Les erreurs constatées dans le procès-verbal sont rectifiées par voie d'établissement d'un procès-verbal additionnel.

Le procès-verbal est terminé par le serment écrit ainsi libellé : «Je jure que le présent procès-verbal est sincère».

**Article 28: Perquisition**

Si un Officier de Police Judiciaire constate que les preuves recherchées sont constituées de papiers, de documents ou autres pièces en la possession du suspect ou de toute autre personne, il peut, sur mandat de perquisition obtenu auprès de l'Organe National de Poursuite, procéder à des visites et perquisitions aux endroits où ces objets se trouvent.

La perquisition de la résidence ne doit être menée ni avant six heures ni après dix-huit heures, sauf s'il y a de sérieuses raisons de craindre la disparition des preuves. Toutefois, la perquisition doit se faire en présence des représentants des autorités locales du lieu de la perquisition.

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

Gusaka bikorwa imbere y'ukekwa icyaha cyangwa se bene urugo. Iyo badahari ntibibuza gusaka gukorwa.

Iyo umugenzacyaha agomba gukora isaka mu biro by'umuntu ukora umwuga wihariye, arikora usakwa ahari cyangwa uwo yahaye uburenganzira bwo kumuhagararira. Iyo usakwa afite urugaga abarizwamo, iryo sakwa rikorwa hari uhagarariye urwo rugaga.

**Ingingo ya 29 : Gukoresha isaka ryo ku mubiri**

Uretse igihe umuntu afatiwe mu cyuho, Umugenzacyaha ushinze gukurikirana dosiye ntabwo bura gukoresha isaka ryo ku mubiri umuntu yambitswe ubusa atabihereye uruhushya n'umushinjacyaha uyobora urwego rw'Ubushinjacyaha akoreramo.

Gusaka ku mubiri umuntu yambitswe ubusa bikorwa na muganga wenyine.

Ibyo ari byo byose, umuntu ugomba gusakwa ku mubiri yambitswe ubusa ashobora kwihitiramo umuherekeza w'umuganga, uwo bashyiranywe cyangwa undi muntu wese mukuru yihitiyemo bahuje igitsina.

The search shall be conducted in the presence of the suspect or household members. However their absence shall not prevent the search.

If the Judicial Police Officer has to search an office of a person practising a liberal profession, the search shall be conducted in the presence of the person with respect to whom the search is conducted or his/her duly authorized representative. If such a person is a member of a professional association, the search shall be conducted in the presence of the representative of such association.

**Article 29: Ordering body search**

A Judicial Police Officer in charge of case file preparation shall not order a strip-search without prior authorisation by the Chief Prosecutor of the place where the search is conducted, unless the person to be searched is caught red-handed.

A strip-search shall be conducted exclusively by a medical doctor.

In any case, a person to be strip-searched may choose a medical doctor, his/her spouse or any other adult person of the same sex to accompany him/her.

La perquisition se fait en présence du suspect ou les membres du ménage. Mais leur absence n'empêche pas la perquisition.

Si un Officier de Police Judiciaire doit faire une perquisition dans un cabinet d'une personne exerçant une profession libérale, la perquisition se fait en présence de la personne concernée ou de son représentant dûment autorisé. Lorsque la personne perquisitionnée est un membre d'une organisation professionnelle, la perquisition se fait en présence du représentant de cette organisation.

**Article 29: Ordonner une fouille corporelle**

Sauf en cas de flagrant délit, l'Officier de Police Judiciaire en charge du dossier ne doit pas ordonner une fouille corporelle sur une personne déshabillée sans l'autorisation préalable du Procureur en Chef du lieu de la fouille.

La fouille corporelle sur une personne déshabillée se fait exclusivement par un médecin.

Dans tous les cas, une personne devant faire objet de fouille corporelle en étant déshabillée peut, de son choix, désigner un médecin, son conjoint ou toute autre personne adulte de même sexe pour l'accompagner.



**Ingingo ya 30: Ifatira ry'ibintu**

Umugenzacyaha ashobora gufatira ibintu aho byaba biri hose iyo bishobora kunyagwa mu buryo bwateganyijwe n'itegeko, n'ibindi byose bishobora kuba ibimenyetso bihamya cyangwa birengera uregwa. Ibintu byafashwe byerekwa nyirabyo kugira ngo abyemere.

Iyo ibintu byafatiriwe bishobora kwangirika, guta agaciro cyangwa kugira ingaruka mbi ku buzima bw'abantu, ku mutekano wabo cyangwa ku mutungo wabo, umugenzacyaha ashobora, abyibwirije cyangwa abisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, guhita afata ibyemezo abona ko ari ngombwa akabikorera inyandikomvugo, kopi yayo igashyikirizwa nyirabyo.

**Ingingo ya 31: Inyandikomvugo y'ifatira**

Inyandikomvugo y'ifatira ironдора ibyafatiriwe kandi ishyirwaho umukono n'uwari ubifite n'abatangabuhamya iyo bahari. Iyo uwari ubifite adahari cyangwa se adashobora cyangwa adashaka gushyira umukono ku nyandikomvugo y'ifatira byandikwa muri iyo nyandikomvugo uwari ubifite agahabwa kopi.

**Article 30: Seizure of objects**

A Judicial Police Officer may seize objects wherever they are found if the confiscation provided for by law can be enforced on such objects and seize all items which can serve as evidence incriminating or exculpating the suspect. The objects seized shall be shown to the owner for acknowledgement.

If the objects seized are perishable, may depreciate or may pose a serious danger to people's health, safety and property risk, a Judicial Police Officer may, on his/her own initiative or upon request by any interested person, immediately take necessary measures and make a written statement thereon, a copy of which is given to the owner.

**Article 31: Statement of seizure**

A statement of seizure shall indicate details of the objects seized and be signed by the person who had such objects in his/her possession and witnesses, if any. If the person who had such objects in his/her possession is unavailable, unable or refuse to append his/her signature to the statement of seizure, this must be mentioned in the statement, a copy of which is given to the person who had such objects in his/her possession.

**Article 30: Saisie des objets**

L'Officier de Police Judiciaire peut procéder à la saisie des objets en tout lieu où ils se trouvent et sur lesquels peut porter la confiscation prévue par la loi et de tous autres éléments qui peuvent servir de preuves à charge ou à décharge. Les objets saisis sont présentés au propriétaire à l'effet de les reconnaître.

Lorsque les objets saisis sont périssables ou susceptibles de se déprécier ou présentent un danger sérieux pour la santé ou la sécurité des personnes ou des biens, l'Officier de Police Judiciaire peut immédiatement prendre des mesures qui s'imposent soit d'office, soit à la requête de toute partie intéressée et en rédiger un procès-verbal dont la copie est remise au propriétaire.

**Article 31: Procès-verbal de saisie**

Le procès-verbal de saisie décrit les objets saisis et est signé par leur détenteur et éventuellement par les témoins. Si le détenteur est absent ou s'il ne peut ou ne veut signer le procès-verbal de saisie, mention en est faite sur le procès-verbal dont une copie est donnée à celui qui était en possession de ces objets.

**Ingingo ya 32 : Kwiyambaza impuguke**

Umugenzacyaha ashobora kwiyambaza impuguke iyo bibaye ngombwa ko iperereza rikorwa ku bibazo risaba ubumenyi bwihariye bw'inzobere. Inzobere yiyambajwe mbere yo gukora imirimo yasabwe igomba kubanza kurahirira ko izafasha ubutabera mu ndahiro ikurikira: «Jyewe ..... Ndahiriye ko nzakora umurimo nshinzwe ntacyo nirengagije, nkawukora uko ugomba gukorwa nta buhemu. Niba ntawukoze uko bikwiye nzabihanirwe n'amategeko.»

Impuguke igomba gukora raporo ikurikije umutimanama n'ubuhanga.

**Ingingo ya 33: Gufatirwa cyangwa gusa n'ufatiwe mu cyuho**

Ufatiwe mu cyuho ni ufashwe akora icyaha cyangwa amaze kugikora ako kanya.

Usa n'ufatiwe mu cyuho ni umuntu rubanda ruha induru, cyangwa uwo basanze afite intwari, ibikoresho, impapuro cyangwa ibindi bintu bituma akekwa ko ari we wakoze icyaha cyangwa yafashije uwagikoze, hapfa kuba hadashize umwanya icyaha gikozwe.

**Ingingo ya 34: Gukurikirana uwafatiwe mu cyuho cyangwa usa n'uwagifatiwemo**

Mu gihe umuntu afatiwe mu cyuho cyangwa asa

**Article 32: Enlisting assistance from an expert**

A Judicial Police Officer may enlist assistance from an expert if it is necessary to conduct investigation on matters requiring special expertise. An expert whose assistance is sought must first vow to help the justice by taking the following oath: "I,....., swear to perform the work entrusted to me to the best of my knowledge faithfully and conscientiously. Should I fail to do so, may I face the rigours of the law."

The expert must make a report conscientiously with due professional care.

**Article 33: Being caught red-handed or presumed to be caught red-handed**

A person caught red-handed shall be a person caught in the act of committing an offense or immediately after committing an offense.

A person presumed to be caught red-handed shall be a person being yelled at by the public or found with arms, instruments, documents or any other objects which give reason to assume that he/she is a perpetrator or an accomplice provided that it is soon after the offence.

**Article 34: Prosecution of a person caught red-handed or presumed to be caught red-handed**

If a person is caught red-handed or presumed to

**Article 32: Recours à l'expertise**

L'Officier de Police Judiciaire peut recourir à un expert si l'instruction porte sur des matières requérant une expertise particulière. Avant d'apporter son concours à la justice, l'expert ainsi appelé doit jurer d'aider la justice en prêtant le serment suivant: «Moi ..... je jure de remplir mes fonctions avec honneur et conscience. En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.»

L'expert doit faire un rapport en toute conscience et de manière professionnelle.

**Article 33: Etre pris en flagrant délit ou réputé pris en flagrant délit**

Une personne prise en flagrant délit est celle qui est prise sur le fait ou immédiatement après avoir commis une infraction.

Une personne réputée être prise en flagrant délit est celle poursuivie par la clameur publique ou trouvée porteuse d'armes, d'instruments, papiers ou autres objets faisant présumer qu'elle est auteur ou complice, pourvu que ce soit dans un temps voisin de l'infraction.

**Article 34: Poursuite d'une personne prise en flagrant délit ou réputée prise en flagrant délit**

Si une personne est prise en flagrant délit ou

n'uwagifatiwemo akora icyaha, umuntu wese ashobora, mu gihe nta mugenzacyaha uhari, gufata ukurikiranyweho icyaha, ako kanya agahita amushyikiriza umugenzacyaha urushije abandi kuba hafi.

Umugenzacyaha ushyikirijwe umuntu wafatiwe mu cyuho cyangwa usa n'uwagifatiwemo ategetswe, mu gihe cy'amasaha mirongo irindwi n'abiri (72), kuba yarangije kumukorera dosiye akayishyikiriza umushinjacyaha ubifitiye ububasha, uyu na we, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kandi idashobora kongerwa akaba yafatiye umwanzuro iyo dosiye.

Iyo umushinjacyaha asanze agomba gukurikirana ushinjwa afunze by'agateganyo, aregera urukiko kandi akarusaba ko rutegeka ko ukurikiranywe aba afunzwe by'agateganyo kugeza igihe urubanza ruzaburanishwa mu mizi yarwo.

Urukiko rutegetswe kuburanisha urwo rubanza mu mizi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) rukimara kuregerwa dosiye nshinjabyaha.

**Ingingo ya 35: Kugabanya ibihano**

Iyo ukurikiranyweho gukora icyaha aciyemereye mu buryo budashidikanywa, hubahirizwa mu kumukurikirana ibiteganywa n'ingingo ya 34 y'iri tegeko, kandi umucamanza waregewe urwo rubanza ashobora kugabanya ibihano byari biteganyijwe kugeza kuri kimwe cya kabiri (½) cyabyo.

be caught red-handed, any person, in the absence of a Judicial Police Officer, can arrest him/her and immediately bring him/her before the nearest Judicial Police Officer.

A Judicial Police Officer before whom a person caught red-handed or presumed to be caught red-handed is brought must complete the preparation of a case file within seventy two (72) hours and submit it to a competent Prosecutor who must decide on the case file within a non-renewable period of five (5) days.

If the Prosecutor believes it is appropriate to prosecute the accused while in provisional detention, he/she shall petition the court to order provisional detention of the suspect pending the hearing of the case on its merits.

The court shall be required to try the case on merit within fifteen (15) days of receipt of the case file.

**Article 35: Penalty reduction**

When the accused candidly pleads guilty to the offense, the provisions of Article 34 of this Law shall apply to the prosecution and the judge seized of the case may reduce the penalties down to the half (½) of applicable penalties.

réputée prise en flagrant délit, toute personne peut, en l'absence d'un officier de police judiciaire, l'arrêter et le conduire immédiatement devant l'Officier de Police Judiciaire le plus proche.

L'Officier de Police Judiciaire devant lequel la personne prise en flagrant délit ou réputée prise en flagrant délit est traduite doit avoir terminé de constituer son dossier endéans soixante-douze (72) heures et le transmettre à l'Officier de Poursuite Judiciaire compétent qui, à son tour, prend décision sur ce dossier dans un délai de cinq (5) jours non renouvelable.

Lorsque l'Officier de Poursuite Judiciaire juge opportun de poursuivre le prévenu étant en situation de détention provisoire, il saisit la juridiction et lui demande d'ordonner sa mise en détention provisoire en attendant le jugement de l'affaire sur le fond.

La juridiction est tenue de statuer sur l'affaire quant au fond dans un délai de quinze (15) jours à partir de la saisine du dossier pénal.

**Article 35: Réduction de la peine**

En cas d'aveu sincère de l'accusé, les dispositions de l'article 34 de la présente loi restent applicables à sa poursuite et le juge saisi du dossier peut réduire jusqu'à concurrence de la moitié les peines prévues pour cette infraction.

Iyo yari guhabwa igihano cyo gufungwa burundu ashobora kugabanyirizwa kugera ku gifungo cy'imyaka makumyabiri (20).

In case the accused would be sentenced to life imprisonment, the penalty may be reduced to twenty (20) years of imprisonment.

Lorsque l'accusé devrait encourir la peine d'emprisonnement à perpétuité, celle-ci peut être réduite jusqu'à vingt (20) ans d'emprisonnement.

**Ingingo ya 36 : Ihazabu nta rubanza**

Ku cyaha cyose Umushinjacyaha afitiye ububasha, iyo abona ko kubera impamvu zatumye icyaha gikorwa, urukiko ruzaca igihano cy'ihazabu gusa, kandi bibaye ngombwa rukanyaga ibintu, Umushinjacyaha ashobora guhitishamo ukurikiranyweho icyaha kujya kumurega cyangwa gutanga ihazabu nta rubanza, idashobora kurenga ihazabu ihanitse yateganyijwe n'amategeko iramutse yongereweho inyongera yategetswe.

**Article 36: Fine without trial**

For any offence that falls within his/her competence, a Prosecutor may ask the accused to choose between being brought before the court or paying a fine without trial, which fine cannot exceed the maximum fine increased by any possible additional amount stipulated by law, if he/she considers that, owing to the circumstances in which the offence was committed, the court may only impose a fine and possibly order confiscation of property.

**Article 36: Amende transactionnelle**

Pour toute infraction relevant de sa compétence, l'Officier de Poursuite Judiciaire qui estime qu'en raison des circonstances de l'infraction la juridiction de jugement se bornerait à prononcer une amende et éventuellement la confiscation, peut inviter le prévenu à choisir entre être traduit devant la justice ou à verser au Trésor une amende transactionnelle qui ne peut dépasser le maximum de l'amende encourue augmentée éventuellement des décimes légaux.

Iyo ukurikiranyweho icyaha yemeye kwishyura ihazabu ntarubanza rubayeho, ntaba agikurikiranywe ku cyaha yakoze.

If the suspect chooses to pay the fine without trial, the criminal action is discontinued.

Lorsque le prévenu accepte de payer l'amende transactionnelle, l'action publique s'éteint.

Kwishyura ihazabu ntibivuga kwemera icyaha.

The payment of fine shall not constitute an admission of the offence.

Le paiement de l'amende transactionnelle n'implique pas la reconnaissance de culpabilité.

**B. Ifatwa n'ibindi byemezo bigomba kubahirizwa**

**B. Arrest and other necessary conditions**

**B. Arrestation et autres conditions nécessaire**

**Ingingo ya 37: Gufata no gufunga**

**Article 37: Arrest and detention**

**Article 37: Arrestation et garde à vue**

Iyo icyaha gihanishwa nibura igifungo cy'imyaka ibiri (2) cyangwa iyo hari impamvu zigaragara zituma batinya ko ukekwa ko yakoze icyaha yatoroka ubutabera cyangwa se niba umwirondoro we utazwi neza cyangwa ushidikanywaho,

If an offense is punishable with imprisonment of at least two (2) years or if there are serious grounds for believing that a suspect may escape or his/her identity is unknown or regarded as doubtful, a Judicial Police Officer may, for the

Lorsque l'infraction est punissable de deux (2) ans d'emprisonnement au moins ou lorsqu'il y a des raisons sérieuses de craindre la fuite du suspect ou si son identité est inconnue ou douteuse, l'Officier de Police Judiciaire peut, pour des raisons

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

umugenzacyaha ashobora, kubera impamvu z'iperereza, kumufata akamufungira mu nzu yabigenewe niba hariho impamvu zikomeye zo kumukekaho icyaha.

Umugenzacyaha yandika inyandikomvugo yo kumufata no kumufunga muri kopi enye (4), imwe igahita yohererezwa Ubushinjacyaha bubifitiye ububasha, indi igashyirwa muri dosiye y'iperereza, indi igahabwa ushinzwe inzu ifungirwamo, indi igahabwa ukekwa icyaha.

Inyandikomvugo yo gufata no gufunga ukekwa icyaha imara igihe cy'iminsi itanu (5) kidashobora kongerwa.

Iyo umuntu ukekwa icyaha afashwe, ariko mu rwego rw'iperereza Ubushinjacyaha bugasanga nta mpamvu zikomeye zo gukera ko yakoze icyaha cyangwa ko yagerageje kugikora, ahita arekurwa.

**Ingingo ya 38: Uburenganzira bw'ukekwaho icyaha**

Umuntu wese ufuzwe n'Ubugenzacyaha agomba kumenyeshwa icyo afungirwe kimwe n'uburenganzira bwe burimo no kubimenyeshya umwunganira n'undi wese yashaka kubimenyeshya. Iryo menyeshya rishyirwa mu nyandikomvugo n'umugenzacyaha akayishyiraho umukono hamwe n'ukekwaho icyaha.

purposes of investigation, arrest and detain the suspect in a relevant custody facility if there are serious grounds for suspecting that he/she has committed the offense.

The Judicial Police Officer shall prepare a statement of arrest and detention in four (4) copies, one of which is immediately sent to the competent Public Prosecution and the other kept in the investigation file while of the two remaining ones, one is given to the person in charge of the custody facility and another to the suspect.

A statement of arrest and detention of the suspect shall be valid for five (5) days which cannot be extended.

A suspect who is arrested shall be immediately released if the Public Prosecution finds in the course of investigation that there are no serious grounds for suspecting him/her of having committed or attempted to commit an offence.

**Article 38: Rights of the suspect**

Any person held in custody by the Judicial Police shall be informed of the charges against him/her and his/her rights including the right to inform his/her legal counsel or any other person of his/her choice thereof. Such prerogative shall be indicated in the statement signed by both the Judicial Police Officer and the suspect.

d'enquête, se saisir de sa personne et le garder dans une maison d'arrêt officiel, s'il existe des indices sérieux faisant croire qu'il a commis l'infraction.

L'Officier de Police Judiciaire dresse un procès-verbal d'arrestation et de garde à vue en quatre (4) exemplaires dont l'un est immédiatement transmis à l'Organe National de Poursuite compétent, l'autre versé dans le dossier de l'enquête, l'autre remis au responsable de la maison d'arrêt et le dernier est donné au suspect.

Le procès-verbal d'arrestation et de garde à vue du suspect est valable pendant une durée de cinq (5) jours qui ne peut pas être prorogée.

Si un suspect est arrêté et que l'Organe National de Poursuite constate au cours de l'instruction, qu'il n'existe pas d'indices sérieux faisant croire qu'il a commis ou tenté de commettre une infraction, il est immédiatement libéré.

**Article 38: Droits du suspect**

Toute personne placée en garde à vue a droit à être informée du motif d'arrestation et de ses droits notamment celui d'en informer son avocat ou toute autre personne de son choix. Cette prérogative est consignée dans un procès-verbal par l'Officier de Police Judiciaire qui le signe. Le procès verbal est aussi signé par le suspect.

**Ingingo ya 39: Uburenganzira bwo kunganirwa**

Umuntu wese ufunzwe n'Ubugenzacyaha afite uburenganzira bwo kugira umwunganira no kuvugana nawe.

Iyo adashoboye kumwishakira, Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha abimenyeshya Umukuru w'Urugaga rw'Abunganira abandi kugira ngo amumugenere kandi afite uburenganzira bwo kwemera cyangwa kutemera umwunganira ahawe.

**Ingingo ya 40: Amazu afungirwamo**

Umuntu ufunzwe n'Ubugenzacyaha ntashobora na rimwe gufungirwa muri gereza cyangwa se ahandi hantu hatari mu nzu yabigenewe iri aho umugenzacyaha akorera cyangwa aho umugenzacyaha wa gisirikari akorera iyo abakekwaho ibyaha ari abasirikari n'abo bafatanyije n'ibytso byabo.

Iteka rya Minisitiri ufite Umutekano mu nshingano ze rigena aho Ubugenzacyaha bufungira abakekwaho ibyaha. Ku bakekwaho ibyaha bagomba gukurikiranwa n'Ubugenzacyaha bwa gisirikare, aho bafungirwa hagenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ingabo mu nshingano ze.

**Article 39: Right to a legal counsel**

Any person held in custody by the Judicial Police shall have the right to legal counsel and to communicate with him/her.

If a suspect is unable to find a legal counsel, the Judicial Police Officer or the Prosecutor shall inform the Chairperson of the Bar Association so that he/she assigns a legal counsel for the suspect. The suspect shall have the right to accept or refuse to be represented by such a legal counsel.

**Article 40: Custody facilities**

A person held in detention by the Judicial Police shall in no way be held in prison or in any place other than the relevant custody facility located within the jurisdiction of the Judicial Police Officer or the Military Police Officer for members of the military and their co-offenders and accomplices.

An Order of the Minister in charge of internal security shall determine custody facilities for suspects held in detention by the Judicial Police. Custody facilities for suspects investigated by the Military Judicial Police shall be determined by an Order of the Minister in charge of Defence Forces.

**Article 39: Droit à la défense**

Toute personne placée en garde à vue a droit à un avocat ou un défenseur de son choix et peut demander à s'entretenir avec lui.

Si le suspect n'est pas en mesure de trouver un défenseur, le Bâtonnier en est informé par l'Officier de Police Judiciaire ou de Poursuite Judiciaire pour qu'il lui en commette un d'office. Le suspect a la faculté d'accepter ou de refuser le défenseur lui commis d'office.

**Article 40: Maisons d'arrêt**

Une personne placée en garde à vue par la Police Judiciaire ne peut en aucun cas être détenue dans une prison ou ailleurs que dans une maison d'arrêt appropriée située dans le ressort de l'Officier de Poursuite Judiciaire ou de l'Officier de Police Judiciaire Militaire pour les militaires et leurs co-auteurs et complices.

Un arrêté du Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions détermine les maisons d'arrêts pour les suspects détenus par les Officiers de Police Judiciaire. Pour les suspects militaires, leurs co-auteurs et complices, les maisons d'arrêts sont déterminées par arrêté du Ministre ayant les forces de défense dans ses attributions.

**Icyiciro cya 2: Ubushinjacyaha**

**Ingingo ya 41: Abafite ububasha bwo gukurikirana ibyaha**

Gukurikirana icyaha imbere y'urukiko bikorwa n'Ubushinjacyaha. Icyakora uwakorewe icyaha ashobora kugukurikirana imbere y'urukiko mu bihe biteganywa n'amategeko.

Iyo dosiye igeze mu Bushinjacyaha, umushinjacyaha afite inshingano yo kumenyesha uwakorewe icyaha uburenganzira yemererwa n'amategeko.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku iperereza**

**Ingingo ya 42: Ibanga mu gihe cy'iperereza**

Usibye igihe itegeko ribiteganywa ukundi, iperereza n'ishakwa ry'ibimenyetso bikorwa mu ibanga.

Umuntu wese ufite uruhare ku murimo w'iperereza n'ishakwa ry'ibimenyetso ategetswe kugira ibanga ry'akazi mu buryo buteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha.

**Section 2: Public Prosecution**

**Article 41: Persons who are competent to conduct prosecution**

The power to prosecute before a court shall rest with the Public Prosecution. However, the victim of the offence may initiate a criminal action before the court as prescribed by law.

If the case is introduced before the Public Prosecution, the Prosecutor shall have an obligation to inform the victim of his/her rights provided for by law.

**Section 3: Common provisions relating to investigation**

**Article 42: Confidentiality of investigation**

Unless otherwise provided for by law, investigation and evidence collection shall be conducted in a confidential manner.

Any person involved in investigation shall be bound by an obligation of professional secrecy as provided under the Penal Code.

**Section 2: Organe National de Poursuite**

**Article 41: Personnes compétentes pour exercer des poursuites**

L'exercice des poursuites devant une juridiction appartient à l'Organe National de Poursuite. Toutefois, la victime peut intenter l'action publique devant une juridiction dans les cas prévus par la loi.

Lorsque le dossier est introduit devant l'Organe National de Poursuite, l'Officier de Poursuite Judiciaire a l'obligation d'informer la victime de ses droits reconnus par la loi.

**Section 3: Dispositions communes relatives à l'enquête préliminaire et à l'instruction**

**Article 42: Caractère secret de l'enquête préliminaire ou instruction**

Sauf dans le cas où la loi en dispose autrement, la procédure au cours de l'enquête préliminaire et de l'instruction est menée dans le secret.

Toute personne impliquée dans l'enquête préliminaire ou l'instruction est tenue au secret professionnel dans les conditions prévues par le Code Pénal.

**INTERURO YA II: ITEGURARUBANZA**

**UMUTWE WA MBERE: KOHEREREZA DOSIYE UBUSHINJACYAHA**

**Ingingo ya 43: Kohereza dosiye**

Iyo iperereza rirangiye, Ubugenzacyaha buhita bwoherereza dosiye Ubushinjacyaha.

**Ingingo ya 44: Inshingano z'Umushinjacyaha wakiriye dosiye**

Iyo agejweho dosiye, Umushinjacyaha ashobora :

- 1° guhita aregera urukiko rubifitiye ububasha ukurikiranyeho icyaha iyo abona ko dosiye yuzuye;
- 2° gufata icyemezo cyo gukora iperereza ry'inyongera iyo asanze ibimenyetso biri muri dosiye yashyikirijwe bidahagije;
- 3° gutangiza imihango y'ubwumvikane iyo abona ko aribwo buryo bushobora kuriha uwangirijwe, kurangiza inkurikizi z'icyaha no gutuma uwakoze icyaha yisubiraho. Ubwo buryo ntibushobora gukurikizwa ku byaha biteganyirizwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka ibiri (2);

**TITLE II: INVESTIGATION**

**CHAPTER ONE: SUBMISSION OF A CASE FILE TO THE PUBLIC PROSECUTION**

**Article 43: Submission of a case file**

When preliminary investigation is completed, the Judicial Police shall immediately submit a case file to the Public Prosecution.

**Article 44: Responsibilities of the Prosecutor receiving the case file**

Upon receiving a case file, a Prosecutor may:

- 1° immediately file suit against the suspect before a competent court if he/she considers that the case file is complete;
- 2° conduct additional investigation if he/she considers that evidence contained in the case file submitted to him/her is insufficient;
- 3° initiate a procedure for amicable settlement if he/she considers that such a procedure is the most appropriate way to compensate the victim, nullify the consequences of the offence and rehabilitate the offender. This procedure shall not apply to offences punishable with imprisonment exceeding two (2)

**TITRE II: INSTRUCTION PREPARATOIRE**

**CHAPITRE PREMIER: COMMUNICATION DU DOSSIER A L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE**

**Article 43 : Communication du dossier**

Lorsque l'enquête préliminaire est terminée, la Police Judiciaire transmet sans délai le dossier à l'Organe National de Poursuite.

**Article 44: Responsabilités de l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier**

Lorsqu'il reçoit le dossier, l'Officier de Poursuite Judiciaire peut :

- 1° saisir immédiatement la juridiction compétente s'il estime que le dossier est complet ;
- 2° procéder à une instruction supplémentaire s'il estime que les éléments du dossier transmis sont insuffisants;
- 3° procéder à une procédure de transaction s'il estime qu'une telle mesure est la plus appropriée pour réparer le dommage, mettre fin aux conséquences de l'infraction et contribuer au reclassement de la personne poursuivie. Cette procédure ne peut pas être utilisée pour les infractions dont les peines dépassent



	years;	deux (2) ans d'emprisonnement ;
4° gushyingura dosiye iyo abona ibigize icyaha bituzuye cyangwa se ba nyir'ukugikora batarabashije kumenyekana cyangwa se iyo asanga kubakurikirana atari ngombwa.	4° close the file if elements of the offence are incomplete or the identity of the suspect is unknown or the prosecution is not necessary.	4° classer sans suite le dossier si les éléments constitutifs de l'infraction ne sont pas suffisants ou si les auteurs n'ont pas été identifiés ou s'il estime la poursuite inopportune.
Uko gushyingura dosiye ni icyemezo cy'ubutegetsi kidashobora kubuza ko iperereza ryakomeza mu gihe Ubushinjacyaha bubonye ibimenyetso bishinja iyo hagati aho nta busaze bw'ikirego cy'ikurikiranacyaha bwabaye.	The decision to close the file is an administrative measure which can in no way prevent the resumption of investigation if the Public Prosecution finds new incriminating evidence provided the prescriptive period of the criminal action has not yet expired.	Le classement sans suite est une mesure administrative qui n'interdit pas la reprise de l'instruction lorsque l'Organe National de Poursuite constate des éléments nouveaux à charge, si la prescription de l'action publique n'est pas encore intervenue.
Uwakorewe icyaha agomba kumenyeshwa icyemezo cyafatiwe dosiye ye n'uburenganzira bimuhesha.	The victim must be informed of the decision taken on his/her case file and the rights deriving there from.	La victime de l'infraction doit être informée de la suite réservée à son dossier et les droits que cela lui confère.
<b><u>UMUTWE WA II: ISHAKISHWA RY'IBIMENYETSO</u></b>	<b><u>CHAPTER II: COLLECTION OF EVIDENCE</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: RECHERCHE DES PREUVES</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mbere: Inyandiko zikoreshwa mu ishakishwa ry'ibimenyetso</u></b>	<b><u>Section One: Document used in the collection of evidence</u></b>	<b><u>Section première: Pièces utilisées dans la recherche des preuves</u></b>
<b><u>Akiciro ka mbere: Inyandiko zihamagara</u></b>	<b><u>Sub-section One: Summons and warrants</u></b>	<b><u>Sous-section première: Mandats de justice</u></b>
<b><u>Ingingo ya 45: Inyandiko zikoreshwa mu guhamagaza ukurikiranyweho icyaha</u></b>	<b><u>Article 45: Summons and warrants issued for the suspect</u></b>	<b><u>Article 45: Mandats décernés au prévenu</u></b>
Umushinjacyaha ushinzwe gutegura idosiye y'urubanza ashobora guhamagaza ukurikiranyweho icyaha akoresheje urwandiko ruhamagaza, urwandiko rutumira, urwandiko ruzana ku gahato cyangwa urwandiko rwo gufata.	A Prosecutor in charge of case file preparation may call on the suspect to appear by issuing summons, a warrant to appear, a warrant to bring by force or an arrest warrant.	L'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier peut selon le cas décerner contre le prévenu une convocation, un mandat de comparution, un mandat d'amener ou un mandat d'arrêt.

Izo nyandiko zigira agaciro mu gihugu hose.

Summons and warrants shall be enforceable throughout the entire country.

L'ordonnance autorisant ou prorogeant la détention provisoire doit être motivée.

L'ordonnance de mise en liberté ou de prorogation de la détention provisoire est rendue par le juge le plus proche du lieu de détention du prévenu, après avoir examiné les raisons ayant motivé le premier juge à ordonner la détention.

La détention provisoire peut également être ordonnée lorsque le prévenu se soustrait volontairement aux obligations imposées par la juridiction.

#### **CHAPITRE IV: LIBERTE PROVISOIRE ET CAUTION**

##### **Article 105: Demande de mise en liberté provisoire**

Pour toutes les infractions, la mise en liberté provisoire peut être demandée à toute étape de la procédure à l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou au juge par le prévenu ou par son avocat.

La demande de mise en liberté provisoire est examinée par l'Organe National de Poursuite si celui n'a pas encore terminé l'instruction et par le juge, soit pendant l'audience statuant sur la mise en détention provisoire soit pendant l'audience sur le fond de l'affaire, lorsque le dossier a été déjà transmis à la juridiction.

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

Umucamanza afata icyemezo kuri iki kirego mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kandi ategetswe gusobanura icyemezo yafashe. Iyo umucamanza uburanisha urubanza mu mizi yarwo ashidikirijwe inzitizi ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo, ategetswe kubanza gukemura icyo kibazo.

Iyo ifungurwa ryemewe, ukurikiranywe ashobora gutegekwa ibyo agomba kubahiriza.

Iyo mu isuzumwa ry'ikirego cyerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo ry'ukurikiranyweho icyaha cy'ubugome, umucamanza asanze ryarakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko ariko hari impamvu zikomeye zituma hakekwa ko ugukurikiranyweho yagikoze, ategeka ko ukurikiranyweho icyaha akomeza gufungwa by'agateganyo n'ubwo bwose hari iyo nenge, uwakoze iryo funga rinyuranyije n'amategeko agakurikiranwa ku giti cyo.

**Ingingo ya 106: Impamvu zituma ukurikiranyweho icyaha afungwa cyangwa arekurwa by'agateganyo**

Iyo umucamanza asanze ukurikiranyweho icyaha hari impamvu zikomeye zituma akekwa icyaha, ashobora kumufunga by'agateganyo hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 96 na 98 z'iri tegeko.

Iyo umucamanza asanze nta mpamvu zikomeye zituma ukekwa icyaha afungwa by'agateganyo,

The judge shall rule on the application within five (5) days and shall be required to provide reasons for the decision. If an objection is raised as to provisional release, the judge hearing the case on the merits must first examine the objection.

If the provisional release is granted, the suspect may be subject to judicial supervision.

When during the examination of an action against provisional detention of a person suspected of a felony the judge finds that the provisional detention is unlawful, he/she shall in spite of such illegality order continuation of the detention of the suspect if there are serious grounds for suspecting that the person has committed the offense, and the person who illegally detains the suspect shall be personally prosecuted.

**Article 106: Grounds for provisional detention or provisional release of the suspect**

If the judge finds that there are serious grounds for suspecting the person of an offence, he/she may order provisional detention of the suspect in accordance with the provisions of Articles 96 and 98 of this Law.

If the judge finds that there are no serious grounds for provisional detention, the suspect

Le juge statue sur la demande dans un délai ne dépassant cinq (5) jours. Il est tenu de motiver sa décision en fait et en droit. Lorsqu'une exception sur la mise en liberté provisoire est soulevée, le juge de fond doit surseoir à statuer afin de se prononcer sur cette exception.

Lorsque la mise en liberté provisoire est accordée, le prévenu peut être soumis aux mesures de contrôle judiciaire.

Lorsque pendant l'examen sur la détention provisoire d'une personne poursuivie pour crime, le juge constate que la détention est illégale mais qu'il existe des indices sérieux faisant croire que la personne a commis l'infraction, il ordonne que le prévenu reste en détention malgré cette irrégularité, et l'auteur de cette détention illégale est poursuivi personnellement.

**Article 106: Motifs de détention ou de mise en liberté provisoire**

Lorsque le juge constate qu'il existe des indices sérieux faisant croire que le prévenu a commis l'infraction, il peut ordonner la détention provisoire conformément aux dispositions des articles 96 et 98 de la présente loi.

Lorsque le juge constate qu'il n'existe pas de raisons sérieuses justifiant la détention provisoire,

ugukurikiranyweho ahita arekurwa.

shall be immediately released.

le prévenu est immédiatement remis en liberté.

**Ingingo ya 107: Gutegekwa ibigomba kubahirizwa**

**Article 107: Being subject to judicial supervision**

**Article 107: Mise sous contrôle judiciaire**

Umucamanza ashobora kudafunga by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha akamutegeka ibyo agomba kubahiriza ku byaha bihanishwa igihano cy'igifungo kitarenze imyaka itanu (5).

The judge may not order provisional detention against the suspect but subject him/her to judicial supervision in case of offences punishable with imprisonment not exceeding five (5) years.

Le juge peut ne pas ordonner la détention provisoire du prévenu mais le placer sous contrôle judiciaire pour les infractions punissables d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas cinq (5) ans.

Bimwe mu byo ashobora kumutegeka ni ibi bikurikira:

The judge may impose on the suspect obligations including the following:

Certaines des obligations que le juge peut imposer sont les suivantes:

1° kuba mu karere k'aho umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye akorera;

1° to reside in territorial jurisdiction of the Prosecutor in charge of case file preparation;

1° habiter dans les environs du lieu de travail de l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier;

2° kutajya kure y'akarere abwiwe atabihereye uruhushya n'Umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa n'intumwa ye;

2° to refrain from travelling beyond a prescribed area without prior authorization of the Prosecutor in charge of case file preparation or his/her representative;

2° ne pas aller au-delà d'un certain rayon de la localité prescrite, sans autorisation de l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou de son délégué;

3° kutajya aha n'aha cyangwa no kutaba ahari ku gihe iki n'iki;

3° to refrain from travelling to a prescribed area or being found in such area at a given time;

3° ne pas se rendre dans un endroit déterminé ou ne pas s'y trouver à un moment déterminé;

4° kujya yitaba, buri gihe cyagenwe umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa umukozi wa Leta cyangwa undi mukozi abwiwe n'uwo mucamanza;

4° to report on a prescribed periodic basis to the Prosecutor in charge of case file preparation or a civil servant or any other officer designated by the judge;

4° se présenter périodiquement devant l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou devant un agent de l'Etat ou tout autre agent désigné par le juge ;

5° kwitaba umushinjacyaha ushinzwe kwiga dosiye cyangwa kwitaba umucamanza igihe azaba abitegetswe;

5° to report to the Prosecutor in charge of case file preparation or to the judge when required to do so;

5° comparaître devant l'Officier de Poursuite Judiciaire en charge du dossier ou devant le juge lorsqu'il en est requis;

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

6° gutanga ingwate;	6° to post bail;	6° donner une caution;
7° gufatira ibyangombwa by'ukurikiranyweho icyaha.	7° to confiscate identification papers of the suspect.	7° confisquer les pièces d'identité du prévenu.
Icyemezo cy'umucamanza kigomba kugaragaza impamvu zidasanzwe yashingiyeho arekura by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha.	The order of the judge shall indicate special grounds for deciding provisional release of the suspect.	L'ordonnance de mise en liberté provisoire doit préciser des raisons exceptionnelles sur lesquelles elle est fondée.
Ubushinjacyaha bugenzura ko ibyategetswe n'Urukiko byubahirijwe, byaba bitarakozwe bugasaba ko ukurikiranywe afungwa by'agateganyo.	The Public Prosecution shall verify observance of the imposed obligations and apply for provisional detention of the suspect if it finds that such obligations are violated.	L'Organe National de Poursuite vérifie si les obligations imposées sont observées et en cas de manquement, demander au juge d'ordonner la détention provisoire du prévenu.
Nta muntu ugomba gutegekwa kwitaba ku mukozi wagenwe igihe kirenze umwaka umwe ku byaha by'ubugome n'amezi arenze atandatu (6) ku byaha bikomeye.	A person shall not be ordered to report to a designated officer for a period exceeding one (1) year for felonies and six (6) months for misdemeanours.	Nul ne peut être obligé de comparaître devant un agent désigné plus d'une (1) année pour les crimes et plus de six (6) mois pour les délits.
Mu kugena neza uko ibigomba kubahirizwa bivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo bizakorwa, icyemezo cyo gufungurwa by'agateganyo gishobora kandi gutegeka gusa ko hazubahirizwa kimwe mu bivugwa.	For the purposes of proper enforcement of the obligations provided under Paragraph 2 of this Article, the court order of provisional release may also stipulate that the suspect is required to comply with only one of such obligations.	Pour la bonne mise en application des obligations visées à l'alinéa 2 du présent article, la décision ordonnant la mise en liberté provisoire peut imposer une seule obligation parmi celles indiquées.
Bisabwe n'umushinjacyaha cyangwa uwarekuwe by'agateganyo, umucamanza ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, guhindura ibyo yategetse kugira ngo abihuze n'ibihe. Ashobora kandi gutegeka ko ukurikiranywe yongerera gufungwa niba bibaye ngombwa kubera impamvu nshya kandi zikomeye.	The judge may at any time upon request by the Prosecutor or the suspect granted provisional release modify the obligations imposed to adjust them to new circumstances. If necessary, the judge may, due to the new and serious circumstances, also revoke the provisional release of the suspect.	Le juge peut, à tout moment et sur requête de l'Officier de Poursuite Judiciaire ou du prévenu mis en liberté provisoire, modifier les obligations imposées pour les adapter à des circonstances nouvelles. Il peut également révoquer la liberté provisoire si des circonstances nouvelles et graves rendent cette mesure nécessaire.

**Ingingo ya 108: Ingwate**

Umucamanza ugomba gufata icyemezo ku ifungwa ry'agateganyo, ashobora kurekura ukurikiranywe amwemerera gutanga ingwate yonyine cyangwa igeretse kuri kimwe cyangwa byinshi mu bigomba kubahirizwa bivugwa mu ngingo ya 107 y'iri tegeko.

Iyo ngwate ituma uyitanze yitaba urukiko kandi ikazavanwamo n'ubwishyu bw'ibyangijwe n'icyaha, ibintu bigomba gusubizwa, ihazabu n'amagarama y'urubanza, mu gihe icyaha kimuhamye.

**Ingingo ya 109: Ubwoko bw'ingwate**

Ingwate ishobora kuba amafaranga cyangwa kwishingirwa n'undi muntu.

Umuntu wiyemeje kwishingira undi agomba kuba ari inyangamugayo kandi ashobora kwishyura.

Iyo ukurikiranyweho icyaha atorotse ubutabera, uwiyejeje kuba umwishingizi ni we uriha ibyangijwe n'icyaha.

**Ingingo ya 110: Kugena ingwate**

Umucamanza agena ingwate ashingiye ku gaciro k'ibyangijwe n'icyaha.

Iyo ari ibyaha byerekeranye n'umutungo, ingwate igomba kuba ingana nibura n'inshuro ebyiri (2)

**Article 108: Bail**

The judge ruling on provisional detention may release the suspect on bail only or on bail in combination with one or more obligations provided for under Article 107 of this Law.

Such bail guarantees that the suspect will appear before the court, pay damages arising from the offence, provide restitution of property and pay fines and courts fees, if found guilty.

**Article 109: Types of bail**

Bail may be in the form of cash or a person standing as surety.

A person who accepts to stand as surety must be a person of integrity and capable to pay.

If the suspect escapes justice, the person standing as surety shall make reparation for the damages caused by the offence.

**Article 110: Determination of bail**

The judge shall determine the amount of bail in consideration of the damages caused by the offence.

If the offence is against property, the amount of bail must be at least twice the value of the

**Article 108: Caution**

Le juge appelé à statuer sur la détention provisoire peut ordonner la mise en liberté provisoire du prévenu sous caution seulement ou sous caution en plus de l'une ou plusieurs des obligations visées à l'article 107 de la présente loi.

La caution garantit la comparution du prévenu devant la juridiction et le paiement des dommages causés par l'infraction, des restitutions, des amendes et des frais de justice, s'il est reconnu coupable.

**Article 109: Nature de la caution**

La caution peut être une somme d'argent ou une personne.

Lorsque la caution est une personne, celle-ci doit être intègre et solvable.

Lorsque le prévenu se soustrait à la justice, la réparation du préjudice causé par l'infraction incombe à la caution.

**Article 110: Détermination de la caution**

Le juge détermine le montant de la caution en tenant compte des dommages causés par l'infraction.

Pour les infractions contre la propriété, la caution doit être égale au moins au double de la valeur des

z'agaciro k'ibyho akurikiranyweho.

property damaged.

biens endommagés.

Nta ngwate ishobora gutangwa ku byaha bihanishwa igihano cy'igifungo kiri hejuru y'imyaka itanu (5).

No bail shall be accepted in respect of offences punishable with imprisonment of more than five (5) years.

Aucune caution ne peut être constituée pour les infractions punissables d'un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans.

**Ingingo ya 111: Gusubiza ingwate**

**Article 111: Bail refund**

**Article 111: Restitution de la caution**

Iyo ushinjwa atsinze, ingwate irasubizwa.

If the accused is found innocent, he/she shall get his/her bail refunded.

Lorsque l'accusé n'est pas condamné, la caution lui est restituée.

Iyo ushinjwa atsinzwe, urukiko rugena imikoreshereze y'ingwate hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 108 y'iri tegeko.

If the accused loses the case, the court shall decide on the use of the bail in accordance with the provisions of Article 108 of this Law.

Lorsque l'accusé perd la cause, la juridiction détermine l'utilisation de la caution conformément aux dispositions de l'article 108 de la présente loi.

**UMUTWE WA V : UBURURIRWA KU RWEGO RWISUMBURWA BWEREKEYE IFUNGWA N'IFUNGURWA BY'AGATEGANYO**

**CHAPTER V: APPEAL AT THE HIGHER LEVEL IN CASE OF PROVISIONAL DETENTION AND PROVISIONAL RELEASE**

**CHAPITRE V: APPEL AU DEGRE SUPERIEUR EN MATIÈRE DE DÉTENTION PROVISOIRE ET DE MISE EN LIBERTÉ PROVISOIRE**

**Ingingo ya 112: Kujuririra icyemezo cyo gufungwa cyangwa gufungura by'agateganyo**

**Article 112: Appealing against a court order of provisional detention or provisional release**

**Article 112: Appel contre l'ordonnance de détention provisoire ou de mise en liberté provisoire**

Ubushinjacyaha n'ukurikiranyweho icyaha bashobora kujuririra icyemezo cyo gufungwa cyangwa gufungura by'agateganyo.

The Public Prosecution or the suspect may appeal against an order of provisional detention or provisional release.

L'Organe National de Poursuite ou le prévenu peut faire appel contre l'ordonnance de détention provisoire ou de mise en liberté provisoire.

**Ingingo ya 113: Icyemezo kijuririrwa**

**Article 113: Appealable court order**

**Article 113: Ordonnance susceptible d'appel**

Icyemezo cyo gufungwa cyangwa gufungura by'agateganyo cyafashwe n'urukiko rw'Ibanze kijuririrwa mu Rukiko Rwisumbuye, naho icy'urukiko Rwisumbuye kijuririrwa mu Rukiko

The appeal against a court order rendered by a Primary Court on provisional detention or release shall be filed with Intermediate Court while the appeal against an order rendered by Intermediate

L'appel contre une ordonnance de détention ou de mise en liberté rendue par le Tribunal de Base est porté devant le Tribunal de Grande Instance tandis que l'appel contre une ordonnance rendue par le

Rukuru.	Court shall be filed with the High Court.	Tribunal de Grande Instance est porté devant la Haute Cour.
Icyemezo cy'Urukiko rwa Gisirikare kijuririrwa mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare.	The appeal against an order rendered by the Military Court shall be filed with Military High Court.	L'appel contre une ordonnance rendue par le Tribunal Militaire est porté devant la Haute Cour Militaire.
Icyemezo cyafashwe ku bujurire nticyongera kujuririrwa.	An order rendered on appeal shall not be subject to appeal.	La décision rendue en appel n'est pas susceptible d'appel.
Kujuririra icyemezo cyerekeranye n'ifungwa cyangwa ifungurwa by'agateganyo ntibibuza isuzumwa ry'urubanza nyir'izina.	The appeal against an order of provisional detention or provisional release shall not preclude the adjudication of the case on its merits.	L'appel contre l'ordonnance de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire n'empêche pas l'examen au fond de l'affaire.
Urukiko rwajuririwe ku bijyanye n'ifungwa cyangwa ifungurwa ry'agateganyo rusuzuma mu bujurire icyo kibazo nubwo urukiko rwaregewe mu rwego rwa mbere rwaba rwararegewe urubanza nyir'izina.	The court seized of an appeal against an order of provisional detention or provisional release shall examine the appeal even if the court seized of the case at first instance is seized to hear the case on its merits.	La juridiction d'appel contre l'ordonnance de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire examine en appel cette demande quand bien même la juridiction au premier degré serait saisie de l'affaire au fond.
<b><u>Ingingo ya 114: Igihe cyo kujurira</u></b>	<b><u>Article 114: Time limits for appeal</u></b>	<b><u>Article 114: Délai d'appel</u></b>
Igihe cyo kujurira ni iminsi itanu (5). Iyo ari Ubushinjacyaha bujurira, iyo minsi itangira kubarwa kuva ku muni icyemezo cyafatiweho, naho iyo ari ukurikiranyweho icyaha, iyo minsi itangira kubarwa kuva ku muni yabimenyesherejweho.	The time limits for appeal shall be five (5) days. The period shall start from the date the order is rendered if the appeal is lodged by the Public Prosecution or from the date the suspect is notified of the order, if the appeal is lodged by the suspect.	Le délai d'appel est de cinq (5) jours. Ce délai court du jour où l'ordonnance est rendue, si l'appel est formulé par l'Organe National de Poursuite ou du jour où le prévenu est notifié de l'ordonnance si l'appel est formulé par le prévenu.
<b><u>Ingingo ya 115: Ubujurire</u></b>	<b><u>Article 115: Filing an appeal</u></b>	<b><u>Article 115: Interjeter appel</u></b>
Ubujurire bukorwa imbere y'ubwanditsi bw'urukiko rwafashe icyemezo, cyangwa ubwanditsi bw'urukiko rugomba kububuranisha.	The notice of appeal shall be filed with the registry of the court that rendered the order or with the registry of the court expected to hear	La déclaration d'appel est faite au greffe de la juridiction qui a rendu l'ordonnance ou au greffe de la juridiction devant connaître de cet appel.

Umwanditsi w'urukiko wakiriye ubujurire yandika imvugo y'uregwa cyangwa ingingo yaba atanga zigaragaza ishingiro ry'ubujurire bwe, iyo nyandiko akayigerekaho inzandiko zose ukurikiranyweho icyaha amuhaye ngo zishyikirizwe urukiko rugenewe kuburanisha ubujurire bwe. Amuha urwandiko rwemeza ko azibonye.

Umwanditsi w'urukiko wakiriye ubujurire n'inzandiko zijyanye na bwo aherako abyohereza umwanditsi w'urukiko rugomba kuburanisha ubwo bujurire.

**Ingingo ya 116: Igumaho ry'icyemezo cy'urukiko cyafatiwe ukurikiranyweho icyaha**

Mu gihe cyagenewe ubujurire no mu gihe urukiko rwamaze kujuririrwa rutaraca urubanza, icyemezo cy'urukiko cyafatiwe ukurikiranyweho icyaha kigumaho mu gihe cyose hatarafatwa ikindi cyemezo kikivuguruzwa ku rwego rw'ubujurire.

**Ingingo ya 117: Igihe cyo gusuzuma ubujurire**

Ubujurire ku cyemezo cyo gufunga cyangwa gufungura by'agateganyo bugomba gusuzumwa mu minsi itanu (5) uherye umunsi bwashyikirijwe urukiko. Icyemezo kigomba gufatwa mu minsi itanu (5) ibarwa uherye ku munsi urukiko rwasoreje iburanisha.

Iyo uwajuriye atari mu karere k'aho urukiko ruburanishiriza cyangwa se adafite umwunganira,

such an appeal.

A court registrar who receives a notice of appeal shall record in writing observations or grounds of appeal given by the suspect in support of his/her appeal and attach to the notice all other documents submitted by the suspect intended for the court expected to hear the appeal. The court registry shall issue him/her an acknowledgement of receipt.

A court registrar who receives a notice of appeal and the accompanying documents shall immediately forward them to the registrar of the court expected to hear the appeal.

**Article 116: Upholding the status quo of the suspect**

During the period of appeal and before the appellate court rules on the case, the suspect shall continue to be in the same state as the court ordered, until the appellate court decides otherwise.

**Article 117: Time limits to examine an appeal**

The court seized of the appeal on the provisional detention or release court order must examine the appeal within five (5) days from the date the appeal was filed. The decision must be taken within five (5) days of the closing of the proceedings by the court.

If the appellant does not reside in the area where the court holds its hearings or has no legal

Le greffier qui reçoit la déclaration d'appel acte également les observations ou moyens éventuellement invoqués par le prévenu à l'appui de son recours et joint à cet acte les mémoires, notes et autres documents que le prévenu lui remet pour être soumis à la juridiction qui doit connaître de l'appel. Il lui en est donné récépissé.

Le greffier qui reçoit la déclaration d'appel et les documents y annexés les transmet sans délai au greffier de la juridiction qui doit connaître de l'appel.

**Article 116: Maintien du prévenu en état où l'ordonnance l'a placé**

Pendant le délai d'appel et, en cas d'appel, jusqu'à la décision de la juridiction d'appel, le prévenu est maintenu en l'état où l'ordonnance du juge l'a placé.

**Article 117: Délai d'examen de l'appel**

La juridiction saisie de l'appel contre une ordonnance de mise en détention ou en liberté provisoire doit l'examiner dans les cinq (5) jours à partir de la date de la réception du dossier d'appel. Elle doit rendre sa décision dans les cinq (5) jours à compter de la date de la clôture des débats.

Si le prévenu ne se trouve pas dans la localité de la juridiction d'appel ou s'il n'a pas d'avocat, la



urukiko rushobora guca urubanza rushingiye ku myanzuro yanditse yonyine y'uwajuriye.

**Ingingo 118: icyemezo gifunga cyangwa cyongerera igihe cy'igifungo cy'agateganyo ku rwego rw'ubujurire**

Iyo urukiko rwajuririwe rukuyeho icyemezo cyafashwe n'urukiko rwa mbere cyo gufungura cyangwa kutongerera gufunga by'agateganyo ukurikiranyweho icyaha, rutegeka ko afungwa by'agateganyo igihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

Icyo gihe gitangira kubarwa kuva ku muni icyemezo cy'urukiko rwajuririwe gitangiriyeho gukurikizwa.

**Ingingo ya 119: Kutongerera gufunga uwari wafunguwe by'agateganyo**

Iyo ukurikiranyweho icyaha afatiwe icyemezo cyo kudafungwa by'agateganyo cyangwa icyo kutongererwa igihe cy'igifungo, ntashobora guhabwa ikindi cyemezo cyo kuba afashwe azize cya cyaha yarezwe, keretse habonetse izindi mpamvu nshya kandi zikomeye zituma agomba gufungwa by'agateganyo.

counsel, the court may rule on the case basing only on written submissions of the appellant.

**Article 118: Order of provisional detention or that of extension of provisional detention in the appellate instance**

If the court seized of the appeal overturns an order of provisional release or extension of provisional detention of the suspect, it shall order provisional detention of the suspect for a period not exceeding thirty (30) days.

Such period shall commence from the date the order of the appellate court comes into effect.

**Article 119: Prohibition of re-detention of person who has been provisionally released**

A suspect in respect of whom provisional detention or extension of provisional detention is not granted shall not be subject to another arrest warrant for the same offence, unless new and serious grounds justifying further detention emerge.

juridiction peut statuer uniquement sur base des conclusions de la partie ayant interjeté appel.

**Article 118: Décision sur la mise en détention provisoire ou sur sa prolongation par la juridiction d'appel**

Si la juridiction saisie de l'appel infirme l'ordonnance de mise en liberté provisoire ou refusant la prolongation de la détention provisoire, elle ordonne la mise en détention provisoire du prévenu pour une période n'excédant pas trente (30) jours.

Ce délai court du jour où l'ordonnance d'appel est mise à exécution.

**Article 119: Interdiction de remise en détention provisoire de la personne remise en liberté provisoire**

Le prévenu à l'égard duquel la détention provisoire n'a pas été décidée ou prorogée ne peut pas faire l'objet d'un nouveau mandat d'arrêt du chef de la même infraction sauf en cas de nouveaux indices graves justifiant la mise en détention.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZIHARIYE KU IFUNGA N'IFUNGURA RY'AGATEGANYO**

**CHAPTER VI: SPECIAL PROVISIONS ON PROVISIONAL DETENTION AND PROVISIONAL RELEASE**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS PARTICULIÈRES EN MATIÈRE DE DÉTENTION PROVISOIRE ET DE MISE LIBERTE PROVISOIRE**

**Ingingo ya 120: Gusaba gufungurwa**

Iyo Ubushinjacyaha bwemeje ko nta mpamvu ihari ituma bukurikirana ushinjwa, bugomba gusaba ko uwari ufunze by'agateganyo afungurwa.

Umucamanza usuzuma ko ukurikiranyweho icyaha afungurwa agomba kuba yafashe icyemezo mu gihe cy'amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe urukiko rwashyikirijwe icyo kibazo.

**Ingingo ya 121: Uko ukurikiranyweho icyaha afatwa mu gihe urukiko rushyikirijwe ikirego cyo kuburanisha urubanza mu mizi**

Iyo ukurikiranyweho icyaha yari afunzwe cyangwa yarafunguwe by'agateganyo mbere y'uko urukiko rushyikirijwe ikirego cyo kuburanisha urubanza mu mizi, akomeza kumera atyo kugeza igihe urubanza ruciriwe.

Icyakora mu gihe urukiko rwaregewe urubanza mu mizi, igifungo cy'agateganyo ntigishobora kurenga igihe cy'igifungo cyo hejuru giteganywa n'itegeko ku cyaha akurikiranyweho.

Ukurikiranyweho icyaha ufunzwe by'agateganyo ashobora gusaba urukiko yarezwemo urubanza

**Article 120: Application for release**

If the Public Prosecution finds that there is no reason to prosecute the suspect held in provisional detention, it must apply for his/her release.

The judge examining the application for release of the suspect must render a decision within forty eight (48) hours after the court is seized of the application.

**Article 121: Status of the suspect when the court is seized to hear the case on its merits**

If the accused is held in provisional detention or granted provisional release before the court is seized to hear the case on its merits, his/her status remains the same until judgement.

However, when the court is seized to hear the case on its merits, the period of provisional detention shall not exceed the maximum period of imprisonment provided by law for the offense alleged against the accused.

The suspect held in provisional detention may petition the court seized of the initial claim

**Article 120: Demande de mainlevée de la détention provisoire**

L'Organe National de Poursuite doit demander à la juridiction d'ordonner la mainlevée de la détention provisoire s'il n'y a plus de motif de poursuivre le prévenu.

Le juge examinant la demande de mise en liberté du prévenu doit rendre sa décision dans un délai de quarante-huit (48) heures à compter du moment où la juridiction est saisie de la demande.

**Article 121: Situation du prévenu lorsque la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire**

Si le prévenu se trouve en état de détention provisoire ou en liberté provisoire au jour où la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire, il reste en cet état jusqu'au jugement.

Toutefois, lorsque la juridiction est saisie pour connaître du fond de l'affaire, la détention provisoire ne peut pas dépasser la durée d'emprisonnement maximale prévue par la loi pour l'infraction faisant l'objet de poursuite.

Le prévenu en détention provisoire peut demander à la juridiction saisie de l'affaire principale

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

remezo gukuraho icyemezo kimufunga cyangwa ko afungurwa by'agateganyo.	against him/her to overturn the order of provisional detention or to order his/her provisional release.	d'ordonner la mainlevée de la détention provisoire ou la mise en liberté provisoire.
Urukiko ruca urubanza kuri icyo kibazo gisaba ifungurwa ry'agateganyo mbere y'uko rusuzuma urubanza rwose mu mizi yarwo.	The court shall rule on the application for provisional release before hearing the case on its merits.	La juridiction statue sur la demande de mise en liberté provisoire avant de connaître du fond de l'affaire.
Ukurikiranyweho icyaha wafunzwe by'agateganyo n'icyemezo cy'urukiko ntashobora gufungurwa bidategetswe n'urukiko. Rufata icyemezo gikuraho icya mbere.	The suspect held in provisional detention following a court order shall not be released unless his/her release is ordered by the court. In that case, the court shall render a decision annulling the first order.	Le prévenu détenu provisoirement par ordonnance de la juridiction ne peut être libéré que sur une autre ordonnance de la juridiction. Dans ce cas, la juridiction rend une ordonnance d'annulation de la première.
Urubanza rucibwa mu buryo no mu bihe biteganyijwe mu ngingo ya 101 y'iri tegeko.	A judgment shall be delivered in the manner and within the time period provided for under Article 101 of this Law.	La décision est rendue dans les formes et délais prévus à l'article 101 de la présente loi.
Iyo urukiko rufunguye umuntu by'agateganyo, hakurikizwa ibiteganywa n'ingingo ya 107 na 108 z'iri tegeko.	If the court orders provisional release, Articles 107 and 108 of this Law shall apply.	Si la juridiction ordonne la mise en liberté provisoire, les articles 107 et 108 de la présente loi s'appliquent.
<b><u>Ingingo ya 122: Ubujurire butanzwe ku cyemezo gifunga cyangwa gifungura by'agateganyo</u></b>	<b><u>Article 122: Appeal against a court order of provisional detention or provisional release</u></b>	<b><u>Article 122: Appel contre la décision de mise en détention provisoire ou de mise en liberté provisoire</u></b>
Ubushinjacyaha bujuririra gusa icyemezo giteganywa mu ngingo ya 121 y'iri tegeko, iyo gifungura uwafunzwe mbere y'urubanza.	The Public Prosecution shall only appeal against a court order provided for under Article 121 of this Law if such an order grants release of a person held in detention before trial.	L'Organe National de Poursuite ne peut interjeter appel de la décision prévue par l'article 121 de la présente loi que si elle accorde la liberté provisoire à une personne détenue avant le jugement.
Ukurikiranyweho icyaha ashobora kujurira gusa iyo hemejwe ko akomeza gufungwa by'agateganyo mbere y'urubanza. Mu gihe cyagenewe ubujurire	The suspect shall only appeal if the court order confirms provisional detention before trial. The status of the suspect within the prescribed time	Le prévenu ne peut interjeter appel que si la décision maintient la détention provisoire avant le jugement. Pendant le délai d'appel et, en cas

no mu gihe umuntu yajuririye kugeza igihe urubanza ruciriwe, ukurikiranyweho icyaha akomeza kumera nk'uko umucamanza wa mbere yabyemeje.

Ujurira abikora hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 112, iya 114 n'ya 115 z'iri tegeko.

Hajuririrwa urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha urwo rubanza hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 113 y'iri tegeko. Urwo rukiko rukiza urubanza rukurikije ibiteganywa n'ingingo ya 117 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 123: Kongera gufunga ukurikiranyweho icyaha**

Ubushinjacyaha bukurikirana ko ukurikiranyweho icyaha warekuwe by'agateganyo n'urukiko agategekwa kugira ibyo yubahiriza yabyubahirije. Iyo atabyubahirije, bushobora kongera gusaba urwo rukiko ko afungwa by'agateganyo.

Icyemezo gifashwe n'urukiko gishobora kujuririrwa inshuro imwe kikaburanishwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 117 y'iri tegeko.

limits for appeal and in case of appeal until the final decision shall remain the same as ordered by the first judge.

The appellant shall appeal in the manner and within the time limits provided for under Articles 112, 114 and 115 of this Law.

The appeal shall be filed with the competent court in accordance with Article 113 of this Law. The court shall rule on the case in accordance with Article 117 of this Law.

**Article 123: Re-detention of a suspect**

The Public Prosecution shall verify whether the suspect granted provisional release by the court complies with the obligations imposed. If the suspect does not comply with the obligations imposed, the Public Prosecution may apply to the court for sending him/her back to provisional detention.

The court order may be subject to appeal only once and the appeal against it shall be heard in the manner provided under Article 117 of this Law.

d'appel, jusqu'à la décision, le prévenu est maintenu en l'état où la décision du premier juge l'a placé.

L'appel est interjeté dans les formes et délais prévus aux articles 112, 114 et 115 de la présente loi.

L'appel est porté devant la juridiction compétente pour connaître de l'affaire conformément à l'article 113 de la présente loi. La juridiction statue conformément à l'article 117 de la présente loi.

**Article 123: Nouvelle détention du prévenu**

L'Organe National de Poursuite vérifie que le prévenu mis en libéré provisoire par la juridiction respecte les obligations imposées. Si le prévenu ne respecte pas les obligations imposées, l'Organe National de Poursuite peut demander à la juridiction d'ordonner à nouveau la détention provisoire du prévenu.

La décision de la juridiction n'est susceptible d'appel qu'une seule fois et l'appel contre cette décision est jugé selon les procédures prévues par l'article 117 de la présente loi.

**INTERURO YA III: IKURIKIRANWA RY'USHINJWA MU NKIKO**

**UMUTWE WA MBERE: KUREGERA URUKIKO**

**Ingingo ya 124: Igihe urukiko rufatwa nk'aho rwaregwe**

Urukiko rufatwa nk'aho rwaregwe mu bihe bikurikira :

- 1° iyo Ubushinjacyaha bwemeje gukurikirana, bwoherereza dosiye yuzuye urukiko rubifitiye ububasha;
- 2° iyo uwakorewe icyaha aregera urukiko atisunze Ubushinjacyaha mu bihe biteganywa mu ngingo ya 144 y'iri tegeko.

Ubushinjacyaha cyangwa uwaregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha bashobora no kureka icyo kirego mu gihe basanga bitakiri ngombwa kugukurikirana.

**Ingingo ya 125: Kuregera urukiko bidakozwe n'umuburanyi**

Urukiko rushobora kuregerwa rubyibwirije iyo hakozwe icyaha mu gihe cy'iburanisha.

Urukiko rushobora kandi kuregerwa mu gihe

**TITLE III: PROSECUTION OF THE ACCUSED BEFORE THE COURTS**

**CHAPTER ONE: FILING A CASE BEFORE THE COURT**

**Article 124: Presumption of having seized a court**

A court shall be presumed to have been seized in the following circumstances:

- 1° if the Public Prosecution decides to conduct prosecution by transmitting a complete criminal case file to a competent court;
- 2° if the victim brings a case before the court by way of private prosecution in the circumstances provided under Article 144 of this Law.

The Public Prosecution or the person who brings a case before the court by way of private prosecution may withdraw the case if considered unnecessary to conduct prosecution.

**Article 125: Court's initiative to take up a case**

The court may on its own initiative take up a case if an offense of contempt of court is committed.

The court may also take up a case when

**TITRE III: POURSUITE DU PREVENU DEVANT LES JURIDICTIONS**

**CHAPITRE PREMIER: SAISINE DE LA JURIDICTION**

**Article 124: Moment où la juridiction est réputée saisie**

La juridiction est réputée saisie lorsque:

- 1° l'Organe National de Poursuite décide d'exercer l'action publique et communique le dossier complet à la juridiction compétente ;
- 2° la victime intente une action par voie de citation directe suivant les circonstances prévues à l'article 144 de la présente loi.

L'Organe National de Poursuite ou la personne qui a intenté une action par voie de citation directe peut se désister lorsque l'exercice de l'action publique est jugé inopportun.

**Article 125: Saisine d'office de la juridiction**

La juridiction peut être saisie d'office en cas de délit d'audience.

La juridiction peut aussi être saisie en cas de

rwohererejwe dosiye y'urubanza n'urundi rukiko.

**Ingingo ya 126: Gukurikirana abafatanyije icyaha cyangwa ibyitso**

Iyo mu gihe cy'iburanisha urukiko rusanze hari ibimenyetso bishinje abandi bantu kuba barafatanyije gukora icyaha cyangwa se ari ibyitso by'ukurikiranyweho icyaha rurabahamagaza kugira ngo bagire ibisobanuro batanga muri urwo rubanza.

Iyo abahamagawe mu rubanza batitabye, urukiko rutegeka Ubushinjacyaha kubazana ku ngufu za Leta.

Iyo urukiko rumaze kubaza abahamagawe mu rubanza mu buryo buteganywa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo rugasanga ibimenyetso bitabahamya icyaha rufata icyemezo cyo gukomeza iburanisha batongeye guhamagarwa mu rubanza.

Iyo urukiko rusanze ibisobanuro batanze bidahagije kandi urukiko rugasanga hari ibimenyetso bibashinje icyaha, rutegeka Ubushinjacyaha gukora iperereza buherereye ku byagaragajwe mu iburanisha kugira ngo bazashyikirizwe urukiko. Ubushinjacyaha butegegwe kandi kubahiriza icyo cyemezo cy'urukiko.

receiving a case file transferred by another court.

**Article 126: Prosecution of co-offenders or accomplices**

If during the hearing the court finds that there is incriminating evidence against persons alleged to have acted as co-perpetrators or accomplices of the accused, the court may order them to appear in order to furnish explanations with respect to the case.

If the persons so summoned do not appear, the court shall order the Public Prosecution to compel them to appear.

If the court interrogates the persons summoned in the manner provided for under Paragraphs One and 2 of this Article and finds that there is no incriminating evidence against them, the court shall continue with the hearing without summoning them to appear once again.

If the court is not satisfied with the explanations given by the persons so summoned and finds that there is incriminating evidence against them, the court shall order the Public Prosecution to conduct investigation basing on the facts uncovered during the hearing in order to take them to court. The Public Prosecution shall be bound to comply with such a court order.

renvoi d'une affaire par une autre juridiction.

**Article 126: Poursuite des coauteurs ou complices**

Lorsque la juridiction constate, lors de l'instruction d'audience, qu'il existe des indices faisant croire qu'il y a d'autres personnes qui ont participé à la commission de l'infraction comme coauteurs ou complices, la juridiction les cite à comparaître afin de donner des explications.

Lorsque les personnes convoquées ne comparaissent pas, la juridiction ordonne à l'Organe National de Poursuite de les contraindre à comparaître.

Lorsque la juridiction, après avoir entendu les personnes citées conformément aux alinéas premier et 2 du présent article, constate qu'aucune charge ne pèse contre elles, elle poursuit l'instruction d'audience sans les citer à comparaître à nouveau.

Lorsque la juridiction n'est pas satisfaite des explications des personnes citées et qu'elle constate qu'il existe des indices qui pèsent contre elles, elle ordonne à l'Organe National de Poursuite de procéder à l'instruction en se basant sur les éléments de l'audience, et les faire traduire devant la juridiction. L'Organe National de Poursuite est tenu de se conformer à la décision de la juridiction.

**UMUTWE WA II : ITUMIRWA RY'ABABURANYI**

**CHAPTER II: SUMMONING OF PARTIES**

**CHAPITRE II: CITATION DES PARTIES**

**Ingingo ya 127: Ihamagara mu rukiko**

Ihamagara mu Rukiko rikorwa n'umwanditsi w'urukiko ashingiye ku cyemezo cya Perezida w'urukiko gishyiraho umunsi w'iburanisha

Ihamagara rigomba kuvuga nibura uwarezwe, amazina ye, aho atuye, cyangwa aho acumbitse, icyo aregwa, urukiko agomba kwitaba, ahantu, umunsi n'isaha azitabiraho.

Ihamagara ritangwa n'umuhesha w'inkiko cyangwa umwanditsi w'urukiko. Kopi yaryo ihabwa umushinjacyaha, ushinjwa, ugomba kuriha indishyi, cyangwa undi muntu wese wahamagawe.

Ihamagara rishyikirizwa uwahamagawe cyangwa rigashyirwa aho uhamagawe abarizwa.

**Ingingo ya 128: Ihamagara rishyirwa aho uhamagarwa abarizwa**

Ihamagara rishyirwa aho uhamagarwa atuye hazwi mu Rwanda. Iyo uhamagarwa adafite aho atuye hazwi mu Rwanda, ariko aho acumbitse hazwi, iryo hamagara rishyirwa aho acumbitse.

**Article 127: Summons to appear before court**

The summons to appear before court shall be issued by the court registrar based on the decision of the President of the court setting the hearing date.

The summons must specify at least the names, domicile or residence of the accused, charges against him/her, the court before which to appear, place, date and time of appearance.

The summons shall be served by a court bailiff or a court registrar and its copy shall be given to the Prosecutor, the accused, the person liable to pay damages or any other summoned person.

The summons shall be served on the person summoned to appear or at his/her place of residence.

**Article 128: Summons served at the place of residence of the summoned person**

The summons shall be served at the summoned person's known domicile in Rwanda. If the summoned person has no known domicile in Rwanda but has a known residence, the summons shall be served at his/her residence.

**Article 127: Citation à comparaître devant la juridiction**

La citation à comparaître devant la juridiction est faite par le greffier sur base de la décision du Président de la juridiction fixant la date de l'audience.

La citation doit indiquer au moins le nom, le prénom et le domicile ou la résidence de l'accusé, les charges pesant contre lui, la juridiction compétente, le lieu, le jour et l'heure de la comparution.

La citation est notifiée par un huissier de justice ou par un greffier. Il réserve une copie à l'Officier de poursuite judiciaire, à l'accusé, à la personne civilement responsable ou à toute personne citée à comparaître.

La citation est signifiée à la personne citée ou à sa résidence.

**Article 128: Citation signifiée à résidence**

La citation est signifiée au domicile connu au Rwanda de la personne citée. Si la personne citée n'a pas de domicile connu au Rwanda, mais y a une résidence connue, la citation est signifiée à sa résidence.

**Ingingo ya 129 : Abahabwa ihamagara iyo uhamagarwa abuze**

Iyo uhamagarwa atabonetse, iryo hamagara rishyikirizwa uwo bashakanye, uwo akorera, uwo bafitanye isano cyangwa ufitanye isano n' uwo bashakanye, cyangwa umukorera, baba aho atuye cyangwa aho acumbitse bafite nibura imyaka cumi n' itandatu (16) y' amavuko. Niba nta wubonetse muri abo, rishyikirizwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akagali atuyemo cyangwa acumbitsemo.

Kopi y' ihamagara isubizwa urukiko igomba kugaragara itariki, umukono w' uwahamagawe cyangwa umukono n' amazina by' uwashyikirijwe ihamagara n' isano afitanye n' uwahamagawe.

**Ingingo ya 130: Ubundi buryo bw' ihamagara**

Ihamagara rishobora kandi kumenyeshwa hoherejwe kopi yaryo iri mu ibahasha ishinganyemo mu iposita cyangwa ihawe intumwa izagaragaza icyemezo cy' uko nyiraryo yaribonye, kiriho itariki n' umukono w' uwahamagawe cyangwa umwe mu bantu bavuzwe mu ingingo ya 129 y' iri tegeko agaragaza icyo apfana n' uwahamagawe.

**Article 129: Persons on whom the summons is served in the absence of the summoned person**

If the summoned person cannot be found, the summons shall be served on his/her spouse, employer, relative or a relative to his/her spouse or on his /her employee living in his/her place of domicile or residence and aged at least sixteen (16) years. If neither of them is found, the summons shall be served on the Executive Secretary of the Cell of his/her domicile or residence.

A copy of the summons returned to the court must bear the date of service and signature of the summoned person or the signature and names of the person on whom the summons was served and his/her relationship with the summoned person.

**Article 130: Other means of serving a summons**

The summons may also be served by sending a copy thereof in a sealed envelope sent as registered mail or carried by a messenger required to return an acknowledgment of receipt bearing the date and the signature of the summoned person or that of one of the persons mentioned in Article 129 of this Law, specifying his/her relationship with the summoned person.

**Article 129: Personne à qui est signifiée la citation à défaut de la personne citée**

A défaut de la personne citée, la citation est signifiée à son conjoint, à son employeur, à son parent, à un parent de son conjoint ou à son employé qui vivent avec lui et ayant l'âge de seize (16) ans. A défaut de l'un d'eux, elle est signifiée au Secrétaire Exécutif de Cellule de son domicile ou de sa résidence.

Une copie de la citation retournée à la juridiction doit être datée et signée par la personne citée ou porter la signature et les noms de la personne à laquelle elle a été signifiée en indiquant la relation avec la personne citée.

**Article 130: Autres modes de signification de la citation**

La citation peut également être signifiée par l'envoi d'une copie sous pli fermé recommandé à la poste contre récépissé ou remis par un messenger avec accusé de réception, daté et signé par le cité ou par l'une des personnes visées à l'article 129 de la présente loi, avec indication de sa relation avec la personne citée.



**Ingingo ya 131: Ihamagara rikoresheje ikoranabuhanga mu itumanaho**

Ihamagara rishobora kohererezwa uwahamagawe hakoreshejwe inyandiko inyuze kuri interineta n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu itumanaho. Iryo hamagara rikurikiza ibikubiye mu ngingo ya 127 y'iri tegeko kandi hakagarazwa ikimenyetso cy'uko uwo ryoherejwe yaribonye.

**Ingingo ya 132: Uburyo bwo gukora imenyesharuhame**

Imenyesharuhame rikorwa mu buryo bwo kumanika kopi y'ihamagara ahantu hagaragara hagenwe n'Urukiko rwaregwe mu kibanza cyarwo, inyandukuro yayo mu magambo ahinnye ikamenyeshwa aho Inkiko Zisumbuye zose zikorera kandi ikamenyeshwa rubanda hakoreshejwe inzira yose urukiko rusanze iboneye mu gihe cy'amezi abiri (2).

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bijyana no gutangaza icyemezo cya Perezida w'Urukiko gitegeka uwarezwe kwitaba Urukiko mu gihe giteganyijwe, akamenyeshwa ko kopi y'ikirego imutegereje mu bwanditsi bw'Urukiko.

Icyemezo gitangazwa mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kikanatangazwa no mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi

**Article 131: Summons through electronic channels**

The summons may be sent using an email and any other electronic channels. Such a summons shall comply with the provisions of Article 127 of this Law and require an acknowledgement of receipt by the person on whom it is served.

**Article 132: Summons by public notice**

Service of a summons by public notice shall be made by posting a copy of the summons in a visible place on the court premises determined by the court seized of the case in addition to posting the extract of such summons at the seats of all Intermediate Courts and making it public using any other channel the court may deem appropriate within a period of two (2) months.

Service of summons provided for under Paragraph One of this Article shall be accompanied by the publication of the order of the President of the Court compelling the accused to appear within the prescribed time limits and informing him/her that he/she is expected to collect a copy of the complaint from the court registry.

The order shall be published in one state-owned newspaper and if necessary, in another independent newspaper with wide circulation

**Article 131: Citation par voie électronique**

Une personne peut être citée par email et par d'autres moyens électroniques. La citation se fait conformément aux dispositions de l'article 127 de la présente loi et l'accusé de réception de la part du destinataire est exigé.

**Article 132: Citation par avis public**

La citation par avis public se fait par affichage d'une copie de la citation à un endroit visible dans les locaux de la juridiction déterminé par la juridiction saisie avec affichage de l'extrait de la citation aux sièges de tous les Tribunaux de Grande Instance et est communiquée au public par tous les moyens que la juridiction considère nécessaire dans un délai de deux (2) mois.

La signification de la citation visée à l'alinéa premier du présent article s'accompagne de la publication de l'ordonnance du Président de la juridiction enjoignant l'accusé de comparaître dans un délai lui imparti et l'informant que la copie de la requête se trouve au greffe de la juridiction.

L'ordonnance est publiée dans un journal de l'Etat, et le cas échéant, dans un autre journal privé de grande distribution désigné par le

cyagenwe na Perezida w'Urukiko.

Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko itangazo rikorwa mu bundi buryo bubereye nko gukoresha radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga.

Itangazwa ry'icyemezo rikorwa mu Kinyarwanda, ariko bibaye ngombwa, Perezida w'Urukiko ashobora gutegeka ko rikorwa no mu Gifaransa cyangwa mu Cyongereza, cyangwa se no muri izo ndimi zombi.

**Ingingo ya 133: Ikimenyetso cy'imenyesharuhame**

Ikimenyetso cy'imenyesharuhame n'urupapuro rw'ikinyamakuru cyaritangaje gishyirwa mu bwanditsi bw'urukiko.

**Ingingo 134: Ihamagara ry'imiryango ifite ubuzima gatozi**

Ihamagara ku miryango ifite ubuzima gatozi rikorerwa ku cyicaro cyayo gikuru cyangwa aho ishami ryayo rikorera. Urwandiko ruhamagara rushyikirizwa umukozi ushinzwe kwakira amabarwa.

Iyo aho iyo miryango ikorera hadashoboye kumenyekana hakoreshwa uburyo buteganywa mu ngingo ya 132 y'iri tegeko.

determined by the President of the Court.

The President of the Court may order that the summons be published using any other appropriate means such as radio, television or any other electronic channel.

The order shall be published in Kinyarwanda. However, if necessary, the President of the Court may order its publication in French or English or both.

**Article 133: Proof of summons by public notice**

Service by public notice shall be evidenced by the deposit into the court registry of a copy of the page of the newspaper in which the summons was published.

**Article 134: Summons addressed to legal entities**

The summons addressed to legal entities shall be served at their registered office or at any of their branch office. The summons shall be given to the person responsible for receiving mails.

If the registered office of such legal entities is unknown, the summons shall be served in the manner provided for under Article 132 of this Law.

Président de la juridiction.

Le Président de la juridiction peut ordonner que la publication se fasse par tout autre moyen approprié notamment par l'annonce à la radio, à la télévision ou par tout autre procédé électronique.

La publication de l'ordonnance est faite en Kinyarwanda. Si les circonstances l'exigent, le Président de la juridiction peut ordonner que la publication soit faite aussi en Français ou en Anglais ou dans ces deux (2) langues.

**Article 133: Preuve d'une citation par avis public**

La preuve d'une signification par avis public se fait par le dépôt au greffe d'un exemplaire de la page du journal dans lequel l'avis a été publié.

**Article 134: Citation aux personnes morales**

La citation aux personnes morales est faite à leur siège principal ou au siège de leur succursale. Elle est délivrée à la personne habilitée à recevoir le courrier.

Lorsque le siège d'une personne morale n'est pas connu, il est procédé au mode de signification prévu à l'article 132 de la présente loi.

**Ingingo ya 135 : Guhamagara ufite aho acumbitse hazwi mu mahanga**

Iyo uhamagawe adafite aho acumbitse cyangwa aho atuye mu Rwanda, ariko afite aho acumbitse hazwi mu mahanga, kopi y'ihamagara imanikwa ahabigenewe ku rukiko rugomba kuburanisha urwo rubanza n'ahandi hagenwe na rwo indi igaherako yoherezwa uwahamagawe, inyujijwe mu iposita cyangwa bakayihira Minisitiri ufite Ububanyi n'Amahanga mu nshingano ze, agatanga icyemezo cy'uko ayibonye.

Iyo uhamagarwa adafite aho aba cyangwa atuye hazwi, haba no mu mahanga, kopi y'ihamagara imanikwa ahabigenewe ku rukiko rugomba kuburanisha urwo rubanza n'ahandi hagenwe na rwo, kandi inyandiko zihinnye zikamenyeshwa rubanda hakoreshejwe inzira yose urukiko rusanze iboneye.

**Ingingo ya 136: Igihe cyo kwitaba k'ushinjwa cyangwa uriha indishyi**

Igihe cyo kwitaba k'ushinjwa cyangwa uriha indishyi, kingana n'iminsi umunani (8) hatabariwemo umunsi yaboneyeho ihamagara n'umunsi wo kwitaba.

Igihe cyo kwitaba ku bantu badafite aho bacumbitse cyangwa batuye hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga kingana n'amezi abiri (2).

Iyo ihamagara rishyikirijwe umuntu udatuye kandi

**Article 135: Summoning a person with known residence abroad**

If the summoned person has no domicile or residence in Rwanda but has known residence abroad, a copy of the summons shall be posted on a notice board in the premises of the court expected to hear the case and at any other place determined by the court, with another copy being immediately sent to the summoned person through the post office or through the Minister in charge of Foreign Affairs who then issues an acknowledgement of receipt.

If the summoned person has no known residence or domicile in Rwanda or abroad, a copy of the summons shall be posted on a notice board in the premises of the court expected to hear the case and any other place determined by the court, with extracts being made public using any other channel the court deems appropriate.

**Article 136: Time limits for the appearance of the accused or the person liable for damages**

The time limits for the appearance of the accused or the person liable for damages shall be eight (8) days, but excluding the date of receipt of the summons and that of appearance.

The time limits for the appearance of persons having no known residence or domicile in Rwanda or abroad shall be two (2) months.

If the summons is served on a person in his/her

**Article 135: Citation d'une personne avec résidence connue à l'étranger**

Si la personne citée n'a ni résidence ni domicile connus au Rwanda, mais a une résidence connue à l'étranger, une copie de la citation est affichée aux valves de la juridiction devant connaître de l'affaire et à tout autre endroit déterminé par elle, une autre copie est immédiatement expédiée à la personne citée, soit en la lui adressant directement à la poste, soit en la transmettant avec accusé de réception, au Ministre ayant les Affaires Etrangères dans ses attributions.

Si la personne citée n'a ni résidence ni domicile connus au Rwanda ou à l'étranger, une copie de la citation est affichée aux valves de la juridiction qui doit connaître de l'affaire et à tout autre endroit déterminé par elle et des extraits sont portés à la connaissance du public par toute voie appropriée déterminée par la juridiction.

**Article 136: Délai de comparution de l'accusé ou de la personne civilement responsable**

Le délai de comparution de l'accusé ou de la personne civilement responsable est de huit (8) jours sans compter le jour de la réception de la citation et le jour de comparution.

Le délai de comparution des personnes qui n'ont ni résidence ni domicile connu au Rwanda ou à l'étranger est de deux (2) mois.

Lorsque la personne n'a pas de domicile ou de

udacumbitse mu Rwanda ariko akarishyikirizwa mu gihugu abamo, igihe cyo kwitaba kingana n'ukwezi kumwe (1). Ururukiko rushobora kucyongera bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 137: Kugabanya igihe cyo kwitaba**

Perezida w'urukiko, akoresheje icyemezo gisobanura impamvu kandi kigomba kumenyeshwa ushinjwa igihe ahabwa ihamagara cyangwa utegetswe kuriha indishyi, iyo ari ngombwa, ashobora kugabanya igihe cy'iminsi umunani (8) giteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 136 y'iri tegeko, iyo ushinjwa yakoze icyaha cyoroheje, yafatiwe mu cyuho, yemeye icyaha, cyangwa yahise yitaba, iyo icyaha akurikiranyweho ari icyo gufata ku ngufu n'izindi mpamvu zose urukiko rusanze ari ngombwa.

**Ingingo ya 138: Igihe cyo kwitaba ku ihamagara ryanyujijwe mu iposita, ryahawe intumwa cyangwa ryamanitswe ahabigenewe**

Iyo ihamagara ryanyujijwe mu iposita cyangwa ryahawe intumwa, igihe cyo kwitaba gitangira kubarwa ku itariki iposita cyangwa intumwa yarishyikirije nyir'ubwite.

Iyo ihamagara ryamanitswe ahabigenewe ku rukiko n'ahandi rwagena, igihe cyo kwitaba gitangira kubarwa kuva ku itariki ryashyiriwe ahabigenewe ku rukiko.

country of residence while he/she neither domiciles nor resides in Rwanda, the time limit for appearance shall be one (1) month. The court may extend such time limit if deemed necessary.

**Article 137: Shortening the time limits for appearance**

The President of the court may by reasoned order which must be notified to the accused at the time of service of summons on him/her or, if necessary, to the person liable for damages, shorten the eight (8)-day time limit provided under Paragraph One of Article 136 of this Law if the accused committed a petty offence, was caught red-handed, admits guilt or immediately appears, is charged with rape and for such other reasons as the court may deem relevant.

**Article 138: Time limits for appearance in case of a summons by mail, by a messenger or by posting in an appropriate place**

If the summons is sent through the post office or a messenger, the time limits for appearance shall start from the date the post or messenger delivers it to the summoned person.

If the summons is posted on a notice board in the court premises and at such other place as may be determined by the court, the time limits for appearance shall start from the date of the posting on the court premises.

résidence au Rwanda, le délai de comparution après citation faite à sa résidence à l'étranger est d'un (1) mois. S'il y a lieu, la juridiction peut proroger ce délai.

**Article 137: Abréviation des délais de comparution**

Le Président de la juridiction, peut par ordonnance motivée et notifiée à l'accusé ou à la personne civilement responsable lors de la signification de la citation, abréger le délai de huit (8) jours prévu à l'alinéa premier de l'article 136 de la présente loi si l'infraction commise est une contravention, en cas de flagrant délit, le prévenu est passé à l'aveu ou comparaît immédiatement, si l'infraction est un crime de viol ou dans d'autres circonstances que la juridiction juge nécessaires.

**Article 138: Délai de comparution si la citation est faite par poste, par un messenger ou par voie d'affichage**

Lorsque la citation est signifiée par la poste ou par messenger, le délai de comparution commence à courir à partir de la date où la poste ou le messenger délivre la citation à la personne citée.

Lorsque la citation est faite par voie d'affichage aux valves de la juridiction et à tout autre endroit déterminé par elle, le délai de comparution commence à courir à partir de la date de l'affichage aux valves de la juridiction.

**UMUTWE WA III : IKIREGO CY'INDISHYI ZIKOMOKA KU CYAHA**

**Ingingo ya 139: Kuregera indishyi**

Uwangirijwe n'icyaha wifuza kuregera indishyi ashobora guhitamo kuregera urukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha cyangwa urukiko ruburanisha imanza z'imbonezamubano.

Icyakora, iyo yahisemo urukiko aregera, yaba urw'inshinjabyaha cyangwa urw'imbonezamubano, ntashobora guhindukira ngo atange na none ikirego cyo mu rundi rukiko ku kirego kimwe.

**Icyiciro cya mbere: Ikirego cy'indishyi gitanzwe mu rukiko rw'inshinjabyaha**

**Akiciro ka mbere: Kuregera indishyi mu rubanze rubanza rw'inshinjabyaha**

**Ingingo ya 140: Igihe cyo kuregera indishyi**

Uwangirijwe n'icyaha ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo arihwe ibye byononekaye, kuva igihe urukiko rushyikirijwe ikirego nshinjabyaha kugeza igihe iburanisha rirangiriye, abikoreye mu bwanditsi bw'urukiko cyangwa mu iburanisha kandi akabihirwa icyemezo. Urukiko rubimenyesha abarebwa n'urubanza.

**CHAPTER III: CIVIL ACTION ARISING FROM AN OFFENCE**

**Article 139: Filing a civil action**

A person aggrieved by an offence who wishes to sue for damages may either file an action in a criminal court or a civil court.

However, once the aggrieved person chooses to file his/her action in one court, either criminal or civil, he/she cannot later file the same action in another court.

**Section One: A civil action filed in a criminal court**

**Sub-section One: Civil action within criminal proceedings**

**Article 140: Period for filing a civil action within criminal proceedings**

A person aggrieved by an offence may, from the filing of the case in the court to the closing of the proceedings, bring before a competent court an action for recovery of damages by giving notice of the action in the court registry or in the course of the hearing with an acknowledgment of receipt. The court shall notify parties involved in the case of the notice.

**CHAPITRE III: ACTION CIVILE NEE D'UNE INFRACTION**

**Article 139: Action en réclamation des dommages- intérêts**

La partie lésée par une infraction a le choix de porter son action civile, soit devant les juridictions pénales, soit devant les juridictions civiles.

Toutefois, lorsque la victime a déjà saisi une juridiction, soit pénale ou civile, elle ne peut pas saisir une autre juridiction pour le même dommage.

**Section première: Action civile portée devant une juridiction pénale**

**Section première: Constitution de partie civile**

**Article 140: Délai de se constituer partie civile**

La partie lésée par une infraction peut porter son action en réparation du dommage devant la juridiction compétente en se constituant partie civile depuis la saisine de la juridiction jusqu'à la clôture des débats, par une déclaration faite au greffe ou à l'audience et dont il lui est donné acte. La juridiction en avise les parties concernées.

**Ingingo ya 141: Kureka urubanza rw'indishyi rwisunze Ubushinjacyaha**

Uwangirijwe n'icyaha waregeye indishyi mu rubanza rw'inshinjabyaha, ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, kureka urubanza kugeza igihe iburanisha rirangiye abikoreye mu iburanisha ry'urubanza cyangwa mu bwanditsi bw'urukiko rwaregwe.

Iyo kureka urubanza bikorewe mu bwanditsi bw'urukiko, umwanditsi w'urukiko ni we ubimenyesha abarebwa n'urubanza.

**Akiciro ka 2: Kuregera indishyi mu rubanza nshinjabyaha utisunze Ubushinjacyaha**

**Ingingo ya 142: Igisobanuro cyo kuregera indishyi utisunze Ubushinjacyaha**

Kuregera indishyi utisunze Ubushinjacyaha ni ikirego uwangirijwe n'icyaha atanga mu rukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha agamije ko uwakoze icyaha, uwo bafatanyije cyangwa icyitso bahanwa kandi bagategekwa no kwishyura indishyi zihwanye n'ibyongwe byangirijwe.

**Ingingo ya 143: Kugaragaza ibikorwa ushinjwa akurikiranyweho**

Uregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha agomba kugaragaza mu kirego cyo ibikorwa ushinjwa akurikiranyweho kugira ngo azashobore gutegura neza kandi vuba urubanza rwe.

**Article 141: Withdrawal of a civil action within criminal proceedings**

A person aggrieved by an offence who files a civil action within criminal proceedings may withdraw the action at any time until the closing of the proceedings by giving notice in the course of the hearing or in the registry of the court seized of the action.

If the withdrawal of the action is made by giving notice in the court registry, the registrar shall notify parties involved in the case of the notice.

**Sub-section 2: Filing a civil action by way of private prosecution**

**Article 142: Definition of a civil action by way of private prosecution**

A civil action by way of private prosecution is a claim a person aggrieved by an offence files in a criminal court demanding that the offender, his/her co-offender or accomplice be punished and ordered to pay for the damages caused.

**Article 143: Clarifying allegations against the accused**

A person who files an action by way of private prosecution must clearly indicate allegations against the accused to enable him/her to properly prepare his/her case expeditiously.

**Article 141: Désistement de l'action civile en cas de constitution de partie civile**

La partie lésée par une infraction qui s'est constituée partie civile peut se désister à tout moment jusqu'à la clôture des débats par déclaration à l'audience ou au greffe de la juridiction saisie.

Si la partie lésée se désiste par déclaration au greffe, le greffier avise les parties concernées du désistement.

**Sous-section 2: Citation directe**

**Article 142: Définition de la citation directe**

La citation directe est une action intentée par la partie lésée par une infraction devant une juridiction pénale en vue de demander à la juridiction de prononcer des peines et ordonner la réparation du dommage subi contre l'auteur de l'infraction, son co-auteur ou complice.

**Article 143: Indication des faits pour lesquels le prévenu est poursuivi**

La citation directe indique de manière précise les faits pour lesquels l'accusé est poursuivi afin de lui permettre de mieux préparer sa défense en temps utile.

Iyo hari impamvu nkomezacyaha, na zo zigomba kugaragara mu kirego kugira ngo ushinjwa azashobore kuzireguraho.

**Ingingo ya 144: Igihe umuntu aregera indishyi atisunze Ubushinjacyaha**

Kuregera urukiko utisunze Ubushinjacyaha bikorwa ari uko dosiye y'insinjabyaha yashyinguwe burundu cyangwa se kubera ko hashize igihe cy'amezi atandatu (6) ku byaha byoroheje n'umwaka umwe (1) ku byaha bikomeye n'ibyaha by'ubugome, Ubushinjacyaha buregewe ntibugire icyo bukora kuri dosiye.

Ibihe bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bitangira kuburwa guhera igihe icyo kirego cyagereye mu Bushinjacyaha, cyangwa kuva igihe dosiye yagereye mu Bushinjacyaha ivuye mu bugenzacyaha. Urukiko rwaregewe rubimenyesha Ubushinjacyaha butegetswe kuza muri urwo rubanza.

**Ingingo ya 145: Kureka ikirego cy'indishyi cyatanzwe hatisunzwe Ubushinjacyaha**

Uwangirijwe n'icyaha waregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha, ashobora, igihe icyo ari cyo cyose, kureka urubanza rwe rw'indishyi kuva igihe aregeye kugeza igihe iburanisha rirangiriye, abikoreye mu iburanisha ry'urubanza cyangwa mu bwanditsi bw'urukiko rwaregewe. Iyo kureka

If there are aggravating circumstances, they must also be indicated in the complaint to enable the accused to present his/her defence accordingly.

**Article 144: Circumstances in which a person files a civil action by way of private prosecution**

Filing a civil action by private prosecution shall take place when a criminal case file is closed without further action or when a period of six (6) months for petty offenses and one (1) year for misdemeanours and felonies elapses without the Public Prosecution taking action after the case is brought to its attention.

The time limits provided for under Paragraph One of this Article shall be counted from the time the case is referred to the Public Prosecution or from the time a criminal case file is forwarded to the Public Prosecution from the Judicial Police. The court seized shall notify the Public Prosecution with an obligation to get involved in the case.

**Article 145: Withdrawal of a civil action filed by way of private prosecution**

A person aggrieved by an offence who filed a civil action by way of private prosecution may withdraw the action at any time before the closing of the proceedings by giving notice in the course of the hearing or in the registry of the court seized of the action. If the withdrawal is

S'il existe des circonstances aggravantes, elles doivent également figurer dans la citation directe pour que le prévenu puisse présenter ses moyens de défense.

**Article 144: Circonstances occasionnant la citation directe**

La citation directe intervient après classement sans suite du dossier ou en cas d'inaction après saisine de l'Organe National de Poursuite pendant six (6) mois pour les contraventions et un (1) an pour les crimes et délits.

Les délais prévus à l'alinéa premier du présent article commencent à courir du jour de dépôt de la plainte à l'Organe National de Poursuite ou de l'enregistrement du dossier pénal à l'Organe National de Poursuite transmis par la Police Judiciaire. La juridiction saisie en fait notification à l'Organe National de Poursuite qui a l'obligation de participer à l'audience.

**Article 145: Désistement de l'action civile en cas de citation directe**

La partie lésée par une infraction qui a engagé une action civile par la voie de citation directe peut se désister de cette action à tout moment jusqu'à la clôture des débats par déclaration à l'audience ou au greffe. Si la partie lésée se désiste par déclaration au greffe, le greffier en avise les

urubanza bikorewe mu bwanditsi bw'urukiko, umwanditsi w'urukiko ni we ubimenyeshya abarebwa n'urubanza.

Icyakora, kureka ikirego cy'indishyi mu gihe uwangirijwe n'icyaha yaregeye urukiko atisunze Ubushinjacyaha ntibibuza gukomeza kuburanisha ikirego cy'ikurikiranacyaha.

**Icyiciro cya 2: Ikirego cy'indishyi gitanzwe mu rukiko ruburanisha imanza z'imbonezamubano**

**Ingingo ya 146: Ikirego cy'indishyi zikomoka ku cyaha**

Uwangirijwe n'icyaha atiriwe aregera mu rukiko rumwe ikirego cy'indishyi n'icy'inshinjabyaha, ashobora guhita aregera urukiko ruburanisha imanza z'imbonezamubano asaba indishyi zishingiye ku bye byangijwe n'ibikorwa yakorewe.

Iyo ikirego cy'indishyi kiburanishwa ukwacyo, kidashamikiye ku kirego cy'Ubushinjacyaha, ariko gishingiye kuri icyo cyaha, iburanisha ryacyo rikurikiza ibiteganywa n'itegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko.

made by giving notice in the court registry, the registrar shall notify parties involved in the case.

However, the withdrawal of a civil action filed by way of private prosecution shall in no way prevent the continuation of criminal proceedings.

**Section 2: A civil action filed before a civil court**

**Article 146: A civil action arising from an offence**

A person aggrieved by an offence may choose not to file a civil action and a criminal action in a same court and hence bring directly the civil action before a civil court to claim for compensation for the damage as a result of the acts committed against him/her.

When a civil action is heard separately from a criminal action from which it arises, the hearing of such civil action shall be conducted in accordance with the provisions of the Organic Law determining the organization, functioning and jurisdiction of courts.

parties intéressées.

Toutefois, le désistement de l'action civile introduite par voie de citation directe n'empêche pas la poursuite de l'action publique.

**Section 2 : Action civile portée devant une juridiction civile**

**Article 146: Action civile découlant d'une infraction**

La partie lésée par une infraction, sans joindre son action en réparation du dommage subi à l'action publique, peut saisir directement une juridiction civile sur base de la responsabilité délictuelle.

Lorsqu'une action civile est exercée séparément de l'action publique dont elle découle, la procédure d'audience suit les dispositions de la loi organique portant code d'organisation, fonctionnement et compétence judiciaires.



**UMUTWE WA IV: KWITABA URUKIKO KW'ABABURANYI**

**Ingingo ya 147: Ushinjwa witabye ntawe umuhagarariye**

Ku cyaha cy'ubugome, ushinjwa agomba kwitaba urukiko ubwe ntawe umuhagarariye.

Icyakora, ku cyaha gikomeye ushinjwa ashobora guhagararirwa n'umwunganira iyo agaragaje impamvu zikomeye zimubuza kwitaba urukiko.

Ku cyaha cyoroheje, ushinjwa ashobora guhagararirwa n'umwunganira, keretse iyo umucamanza ategutse ko agomba kuba ahibereye.

**Ingingo ya 148: Kwitaba urukiko k'uregwa indishyi n'uziregera**

Uregwa indishyi n'uziregera bitaba urukiko ubwabo cyangwa hakitaba ababunganira.

Icyakora, mu gihe icyo ari cyo cyose, urukiko rushobora gutegeka ko umuburanyi yitaba ubwe.

Icyemezo gitegeka umuburanyi kwitaba ubwe n'umunsi azitabiraho, abimenyeshwa n'umwanditsi w'urukiko.

**CHAPTER IV: APPEARANCE OF PARTIES IN COURT**

**Article 147: Personal appearance of the accused**

An accused must appear in person in court in case of a felony.

However, in case of a misdemeanour, the accused may appear through his/her legal counsel if he/she gives serious reasons preventing his/her personal appearance.

In case of a petty offence, the accused may appear through his/her legal counsel unless the judge orders his/her personal appearance.

**Article 148: Appearance of a person liable for damages and claimant for damages**

A person liable for damages and the claimant for damages shall appear in person or through their legal counsel.

However, a court may at any time order personal appearance of a party.

An order compelling a party to appear in person and the date of appearance shall be notified to the party by the court registrar.

**CHAPITRE IV: COMPARUTION DES PARTIES**

**Article 147: Comparution en personne de l'accusé**

En matière de crime, l'accusé doit comparaître en personne.

Toutefois, en cas de délit, l'accusé peut comparaître par l'intermédiaire de son avocat s'il présente des raisons sérieuses qui l'empêchent de comparaître en personne.

En matière de contravention, l'accusé peut se faire représenter par son avocat à moins que le juge ne requière la comparution en personne.

**Article 148: Comparution de la partie civilement responsable et de la partie civile**

La partie civilement responsable et la partie civile comparaissent en personne ou par l'intermédiaire de leurs avocats.

Toutefois, la juridiction peut à tout moment ordonner la comparution en personne d'une partie au procès.

La décision ordonnant la comparution en personne de la partie et la date de la comparution lui est signifiée par le greffier.

**UMUTWE WA V: IBIKORWA NTEGURARUBANZA**

**Ingingo ya 149: Gukora ibikorwa ntegura rubanza**

Igihe urukiko rwaregewe, mbere y'umunsi urubanza ruzaburanishwaho, Perezida warwo, abisabwe n'umwe mu baburanyi cyangwa abyikoreye ku bushake bwe niba uwakorewe icyaha adafite ububasha bwo kuregera ubucamanza cyangwa se adafite umufasha kuburana cyangwa umuhagarariye wemewe n'amategeko, ashobora kubaza cyangwa gutegeka ko babaza igiciro cy'ibyangijwe, kwandika cyangwa kwandikisha inyandikomvugo, gufatira by'agateganyo, gukora cyangwa gukoresha ibintu byose bigomba kurangizwa vuba.

**UMUTWE WA VI : IBURANISHA**

**Ingingo ya 150: Amahame y'ingenzi agenga imanza z'inshinjabyaha**

Imanza z'inshinjabyaha zigomba gushingira ku mahame y'ingenzi akurikira :

- 1° kubera mu ruhame,
- 2° kutabera no kutabogama,
- 3° kubahiriza uburenganzira bwo kwiregura no kugira umwunganizi,

**CHAPTER V: PRE-TRIAL PROCEDURE**

**Article 149: Arrangement for pre-trial procedure**

When an action is lodged to a court, the President of the court may, before the hearing date and upon request of either party or on own initiative if the victim has no capacity to sue or has no legal counsel or legally recognized representative, seek or order the appraisal of damages, draw up or cause to be drawn up a statement, carry out provisional seizure, perform or cause to be performed acts requiring to be done expeditiously.

**CHAPTER VI: CONDUCT OF THE HEARING**

**Article 150: Substantial principles of criminal cases**

Criminal cases must adhere to the following substantial principles:

- 1° being held in public;
- 2° being fair and impartial;
- 3° respect for the right to defence and to legal counsel;

**CHAPITRE V: PROCEDURE PREALABLE AU JUGEMENT**

**Article 149: Procédure préalable au procès**

Lorsque la juridiction est saisie, son Président peut, avant le jour de l'audience et à la demande de l'une des parties ou de sa propre initiative si la partie lésée est incapable d'agir en justice ou si elle n'est pas assistée ou si elle est dépourvue de représentant légalement reconnu, demander ou ordonner l'estimation des dommages, dresser ou faire dresser le procès-verbal, procéder à la saisie provisoire ou conservatoire, dresser ou ordonner tous actes requérant célérité.

**CHAPITRE VI: DEROULEMENT DE L'AUDIENCE**

**Article 150: Principes directeurs du procès pénal**

Les procès en matière pénale doivent respecter les principes directeurs suivants:

- 1° être rendus en public ;
- 2° être rendus en toute justice et impartialité ;
- 3° respecter les droits de défense et d'assistance par un avocat;

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

- |   |   |   |
|---|---|---|
| 4° kubahiriza ihame ry'ivuguruzanya no kureshyeshya uburenganzira bw'ababuranyi imbere y'amategeko,   | 4° adversarial proceedings and equality of parties before the law;  | 4° respecter le principe du contradictoire et de l'égalité des parties au procès devant la loi ;  |
| 5° gushingira ku bimenyetso byashatswe mu buryo bwemewe n'amategeko no gucibwa mu gihe giteganywa n'amategeko kandi umuntu agacirwa urubanza mu rurimi yaburanyemo. | 5° basing on evidence lawfully produced, being rendered within the time limits prescribed by law with the judgment and being rendered in the language used in the pleading. | 5° être fondés sur les preuves obtenues dans les voies légales et être rendus dans les délais prescrits par la loi et dans la langue des plaidoiries. |

Imihango y'ikurikiranabyaha ikorwa kandi ikarangizwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

The prosecution procedure shall be carried out and completed in accordance with law.

Les procédures de poursuite pénale sont observées conformément à la loi.

**Ingingo ya 151: Gutumirwa kuburana**

**Article 151: Summons to appear for the hearing**

**Article 151: Citation à comparaître à l'audience**

Iyo dosiye igeze igihe cyo kuburanishwa, ababuranyi bahita batumirwa kuburana.

When a case file is ready for hearing, parties shall immediately be summoned to appear for a hearing.

Lorsque l'affaire est en état d'être jugée, les parties sont citées à comparaître à l'audience.

Ubutumire buba bukubiyemo icyaha gikurikiranywe, itegeko rigihana n'urukiko rwaregewe, ahantu, umunsi n'isaha by'iburanisha. Busobanura kandi niba ushinjwa agomba kwitaba ku giti cye, yunganiwe cyangwa ahagarariwe.

The summons shall set out the alleged offence, the law punishing it, the court filed with the action, place, date and time of the hearing. The summons shall also specify whether the accused must appear in person or assisted or represented.

La citation énonce l'infraction poursuivie, la loi qui la réprime et indique la juridiction saisie, le lieu, la date et l'heure de l'audience. Elle précise, en outre, si l'accusé doit se présenter en personne, se faire assister ou représenter par un avocat.

**Ingingo ya 152: Kumenyesha umunsi w'iburana**

**Article 152: Notification of the date of hearing**

**Article 152: Signification de la date de l'audience**

Buri muntu wese watanze ikirego amenyeshwa n'urukiko umunsi n'isaha by'iburanisha.

Any person who filed an action shall be notified by the court of the date and time of hearing.

Toute personne qui a porté plainte est avisée par la juridiction de la date et de l'heure de l'audience.

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

<b><u>Ingingo ya 153:</u> Uburyo urubanza ruburanishwa</b>	<b><u>Article 153:</u> Modalities for conducting the hearing</b>	<b><u>Article 153:</u> Modalités du déroulement de l'audience</b>
Urubanza ruburanishwa muri ubu buryo, ruyobowe na Perezida w'iburanisha:	The presiding judge shall conduct the hearing in the following order:	L'audience se déroule sous la direction du président du siège de la manière suivante:
1° umwanditsi w'urukiko ahamagara ababuranyi;	1° the court registrar calls the roll of parties to the proceedings;	1° le greffier appelle les parties en cause;
2° umwanditsi w'urukiko asoma umwironoro w'ushinjwa n'icyaha akurikiranyeho;	2° the court registrar reads out particulars of the accused and the offence alleged against him/her;	2° le greffier fait lecture de l'identité de l'accusé et énonce l'infraction dont il est poursuivi ;
3° urukiko rubaza ushinjwa niba yemera cyangwa ahakana icyaha akurikiranyeho;	3° the court asks the accused whether he/ she pleads guilty or not guilty;	3° il est demandé à l'accusé s'il plaide coupable ou non ;
4° Ubushinjacyaha bugaragaza ibimenyetso bushingiraho buhamya icyaha uregwa;	4° the Public Prosecution presents evidence proving the guilt of the accused;	4° l'Organe National de Poursuite fournit la preuve de la culpabilité de l'inculpé;
5° ushinjwa akiregura, yaba yemera icyaha agasobanura uburyo yagikoze;	5° the accused presents his/her defence and explains the circumstances in which he/she committed the offence if he/she pleads guilty;	5° l'accusé est entendu et explique les circonstances de l'infraction s'il plaide coupable;
6° ababuranyi, abatangabuhama bashinje cyangwa bashinjura bakabazwa n'umucamanza cyangwa, ababuranyi bakabazanya ubwabo cyangwa bakabaza abatangabuhama ku buryo butaziguye, ibinengwa ku buhamya bwatanzwe bikavugwa urukiko rukabifataho ibyemezo;	6° parties to the proceedings, prosecution or defence witnesses are examined by the judge, or parties directly cross-examine each other or witnesses, and disputed points of testimonies given are debated and the court decides thereon;	6° les parties au procès, les témoins à charge ou à décharge sont interrogés par le juge, ou les parties se confrontent mutuellement ou confrontent les témoins directement sans passer par le juge, les points contestés sur les dépositions des témoins sont débattus et la juridiction y prend une décision;
7° impuguke zikabazwa, niba ari ngombwa;	7° experts are heard, if necessary,	7° les experts sont entendus, s'il y a lieu ;

*Official Gazette n° 27 of 08/07/2013*

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 8° niba ari ngombwa, ibimenyetso bishobora guhamya ukuri bigasuzumwa;  | 8° if necessary, evidence that may be conducive to ascertaining the truth is examined;   | 8° le cas échéant, les pièces pouvant servir à conviction sont examinées ;  |
| 9° uregera indishyi agasobanura ikirego cye, uziregwa na we akisobanura;   | 9° the civil party explains his/her claim, the person liable for damages is also heard;  | 9° la partie civile et la personne civilement responsable présentent leurs conclusions ;  |
| 10° Ubushinjacyaha bukavuga muri make ibyaha ushinjwa akurikiranyweho n'igihano bumusabira;  | 10° the Public Prosecution presents a summary of charges against the accused and the punishment requested against him/her;                     | 10° l'Organe National de Poursuite résume l'affaire et fait ses réquisitions ;  |
| 11° Ushinjwa ahabwa ijamba ubwa nyuma;   | 11° the accused person is given the last opportunity to be heard;  | 11° l'accusé reçoit la dernière opportunité de s'exprimer ;   |
| 12° igihe bibaye ngombwa, umwanditsi w'urukiko asomera mu ruhame inyandiko y'iburanisha mbere y'uko ishyirwaho umukono;            | 12° if necessary, the court registrar reads in public the record of hearing before it is signed;   | 12° s'il s'avère nécessaire, le greffier lit le plumitif d'audience avant sa signature;   |
| 13° iburanisha rikemezwa ko rirangiye, Perezida w'iburanisha akamenyesha ababuranyi bitabye umunsi n'isaha urubanza ruzasomerwaho. | 13° the hearing is declared closed and the presiding judge informs the parties present the date and time when the judgment will be pronounced. | 13° les débats sont déclarés clos et le Président du siège informe les parties présentes du jour et de l'heure du prononcé du jugement. |

**Ingingo ya 154: Uburyo n'igihe iburanishwa rikorerwa**

Iburanisha rikorerwa ku cyicaro cy'urukiko ku munsi rwagennye. Iyo bibaye ngombwa iburanisha rishobora kubera ahandi hantu hagenwa n'urukiko.

Urukiko rushobora kandi kuburanisha no kumva abatangabuhamya hakoreshejwe uburyo bwa telekonferanse n'ubundi buryo bw'ikorabuhanga bwemewe n'amategeko.

**Article 154: Modalities and time for the conduct of hearing**

The hearing shall take place at the seat of the court on the date set by the court. If necessary, the hearing may take place in such other place as may be determined by the court.

The court may also conduct hearings and hear witnesses through videoconference or other legally recognized electronic means.

**Article 154: Modalités et date de l'audience**

L'audience se tient au siège de la juridiction, à la date fixée par ladite juridiction. L'audience peut, si nécessaire, se tenir dans un autre lieu fixé par la juridiction.

La juridiction peut également entendre les parties ainsi que les témoins par téléconférence et par d'autres moyens technologiques reconnus par la loi.

**Ingingo ya 155: icyemezo cy'urukiko cyo kuburanisha mu muhezo**

Iburanisha rikorwa mu ruhame.

Icyakora, urukiko rushobora kwemeza ko iburanisha riba mu muhezo mu gihe ryabangamira umutekano cyangwa imico y'imbonezabupfura.

Iyo umuhezo wemejwe, isomwa ry'ibyemezo bishobora gufatwa ku nzitizi n'ingoboka, na ryo riba mu muhezo.

Urubanza rw'iremezo rusomerwa iteka mu ruhame.

**Ingingo ya 156: Ibyo umwanditsi w'urukiko yandika**

Umwanditsi w'urukiko yandika ibyerekeye imiburanishirize, umwirondoro w'ababuranyi n'abatangabuhamyi kandi akandika n'amagambo yabo y'ingenzi bakanabishyiraho umukono.

Iyo bishoboka ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bushobora gukoreshwa kugira ngo hagaragazwe ibyavugiwe mu rukiko.

**Ingingo ya 157: Imyifatire y'ufite ijambo mu gihe cy'iburanisha**

Mu migirire ye no mu magambo ye, ufite ijambo mu rubanza wese agomba kugirira ikinyabupfura abacamanza, abo baburana n'abantu bari aho.

**Article 155: Court order to conduct hearings in camera**

Hearings shall be conducted in public.

However, the court may order that a case be heard in camera when its public hearing may be detrimental to public order or good morals.

Once the hearing in camera is decided, the pronouncement of possible decisions relating to objections and exceptions shall also be in camera.

The judgement on the merits shall always be pronounced in public.

**Article 156: Records by the court registrar**

The court registrar shall take note of the proceedings, particulars of parties and witnesses as well as their key submissions and ask them to affix their signature thereto.

Other electronic means may be used to record court proceedings, if possible.

**Article 157: Conduct required of a person speaking at the hearing**

Any person speaking at the hearing must maintain respectful attitude and language towards judges, adversarial parties and all other

**Article 155: Décision de la juridiction ordonnant le huis clos**

Les audiences sont publiques.

Toutefois, la juridiction peut ordonner le huis clos si la publicité peut être dangereuse pour l'ordre public ou les bonnes mœurs.

Lorsque la juridiction ordonne le huis clos, le prononcé des jugements sur les exceptions et incidents éventuels se fait également à huis clos.

Le jugement sur le fond est toujours prononcé en audience publique.

**Article 156 : Notes du greffier**

Le greffier tient note de la procédure à l'audience, de l'identification des parties et des témoins et de leurs principales déclarations et leur demande d'y apposer leurs signatures.

D'autres moyens technologiques peuvent être utilisés afin de relater les propos de l'audience, le cas échéant.

**Article 157: Comportement exigé de celui qui prend la parole pendant l'audience**

Toute personne qui prend la parole pendant l'audience doit adopter une attitude et un langage respectueux envers les juges, ses adversaires et le

	people present.	public.
Ufite ijambo mu rubanza avuga ibyerekeye urubanza ntacyo yishisha ariko avugana icyubahiro gikwiye ubutabera kandi agasobanura neza ingingo ze kugira ngo abacamanza babashe kuzumva.	A person speaking at the hearing shall speak freely about matters relating to the case but with all due respect to justice and clarity to enable judges to easily understand his/her contentions.	La personne qui prend la parole pendant l'audience parle librement avec tout le respect dû à la justice et toute la clarté nécessaire pour aider les juges à mieux comprendre ses prétentions.
Utandukiriye akavuga ibidahuye n'ikiburanwa cyangwa ugira ikinyabupfura gike, uyoboye iburanisha aramucyaha. Yakomeza cyangwa yavugaga amagambo atarimo ikinyabupfura, akamucecekesha akanya, akabigira mu buryo bwiza yirinda guhutaza umuburanyi cyangwa kumubabaza. Iyo atabyubahirije ahanwa hakurikijwe amategeko.	A person speaking at the hearing that departs from the subject matter or demonstrates disrespect shall be called to order by the presiding judge. If he/she persists or uses disrespectful language, the presiding judge shall forbid him/her to speak for a moment in a polite way without brutalizing him/her or hurting his/her feelings. If he/she refuses to comply, he/she shall be punished in accordance with law.	L'orateur qui s'écartere du sujet ou qui manque aux règles de bienséance, est ramené à l'ordre par le président du siège. Celui-ci, tout en évitant toute mesure d'intimidation ou de vexation, peut retirer momentanément la parole à l'orateur. Si l'orateur refuse d'obtempérer, il est puni conformément à la loi.
Ibyo umucamanza ategutse byose byerekeye umutekano kugira ngo iburanisha rigende neza bihera ko bikurikizwa nk'uko yabitegetse.	Any order of the judge meant to maintain order for the smooth running of the hearing shall be immediately executed as such.	Tout ce que le juge ordonne pour le maintien de l'ordre pour le bon déroulement des débats est exécuté immédiatement en tant que tel.
<b><u>Ingingo ya 158: Kutambara ingofero mu rukiko</u></b>	<b><u>Article 158: Prohibition of wearing a hat during the hearing</u></b>	<b><u>Article 158: Interdiction de porter un chapeau au cours de l'audience</u></b>
Uretse ubyemerewe n'itegeko, uje aho urubanza ruburanishirizwa, avana ingofero mu mutwe n'ikindi cyose cyatuma isura ye itagaragara kandi agakurikirana iyo mirimo mu cyubahiro kandi acecetse.	A person who attends the court hearing shall remove his/her hat and anything that may prevent from seeing his/her face unless he/she is authorized by law. He/she shall follow the hearing by remaining respectful and silent.	Toute personne qui assiste à l'audience doit enlever son chapeau et tout ce qui peut empêcher de voir son visage, sauf ceux légalement autorisés. Elle doit suivre les audiences dans le respect et le silence.
<b><u>Ingingo ya 159: Umutekano mu gihe cy'iburanisha</u></b>	<b><u>Article 159: Maintaining order during the hearing</u></b>	<b><u>Article 159: Police d'audience</u></b>
Iyo mu rukiko cyangwa ahandi hose abacamanza baburanishiriza, umwe cyangwa benshi mu bantu	If one or more persons present in court or any other place where a public court hearing is held	Si une ou plusieurs personnes assistant à une audience ou se trouvant à tout autre lieu où se

bahari bateye urusaku, bagaragaje ko bagize icyo bashima cyangwa bagaya, bagatera cyangwa bakogeza imvururu mu buryo ubwo aribwo bwose, uyobora iburanisha arabacyaha, bakomeza akabirukana byaba ngombwa akitabaza inzego z'umutekano, bitabujije ibindi bihano biteganywa n'amategeko.

Iyo imvururu zitewe n'umuburanyi, uyoboye iburanisha aramucyaha, akamumenyesha ko nakomeza amwirukana urubanza rugakomeza kuburanishwa nk'aho ahari. Iyo bamusohoye akanga, uyoboye iburanisha yitabaza ushinzwe umutekano akamusohora ku ngufu, bitabujije ibindi bihano biteganywa n'amategeko.

Iyo imvururu zitewe n'umuntu ufite umurimo mu rukiko, hakurikizwa ibiteganyijwe mu gika cya mbere y'iyi ngingo.

**Ingingo ya 160: Kuburanisha ibyaha bikozwe mu iburanisha**

Mu gihe cy'iburanisha iyo hakoze icyaha gihanishwa igihano kitarenga igifungo cy'imyaka itanu (5), urukiko rushobora guhera ko ruhana uwagikoze.

Iyo icyo cyaha cyakozwe gihanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5), urukiko rumaze gufatisha

make noise, express approval or disapproval by causing or stirring up trouble in any way, the presiding judge shall call them to order and expel them if they persist and, if necessary, seek intervention of law enforcement forces without prejudice to other penalties provided by law.

If the person who causes trouble is a party to the proceedings, the presiding judge shall call him/her to order and warn him/her that if he/she persists, he/she will expel him/her and continue the hearing as if he/she is present. If he/she is expelled and refuses to leave the courtroom, the presiding judge shall seek intervention of law enforcement forces to expel the party by force without prejudice to other penalties provided by law.

If the trouble is caused by a court employee, the provisions of Paragraph one of this Article shall apply.

**Article 160: Trying offences of contempt of court**

If a person commits an offence of contempt of court punishable with maximum imprisonment of five (5) years, the court may immediately sentence him/her.

If a person commits an offence of contempt of court punishable with imprisonment of more than

tient publiquement une audience d'une juridiction interrompent le silence en donnant de signes extérieurs d'approbation ou de désapprobation, causent ou encouragent le trouble de quelque manière que ce soit, le Président du siège les ramène à l'ordre et les expulsent s'ils persistent et, si nécessaire, fait recours aux forces de l'ordre, sans préjudices d'autres sanctions prévues par la loi.

Si la personne qui cause les troubles est partie au procès, le Président du siège la ramène à l'ordre et l'informe que si elle persiste, il l'expulsera et que le jugement sera réputé contradictoire. Si elle résiste à l'expulsion, le Président du siège fait recours aux forces de l'ordre qui l'expulsent de force sans préjudice d'autres sanctions prévues par la loi.

Si le trouble est causé par un agent de la juridiction, l'alinéa premier du présent article s'applique.

**Article 160: Jugement des délits d'audience**

Si le délit d'audience commis est punissable d'une peine d'emprisonnement de cinq (5) ans au maximum, la juridiction peut immédiatement condamner l'auteur.

Si le délit d'audience commis est punissable de plus de cinq (5) ans d'emprisonnement, la



uwagikoze no kwandika inyandikomvugo y'ibyo yakozwe, rumwoherereza umushinjacyaha hamwe n'ibimenyetso bimushinja kugira ngo akurikiranwe.

five (5) years, the court shall cause him/her to be arrested and draw up a statement of facts and produce him/her before a Prosecutor and submit incriminating evidence for prosecution.

juridiction fait arrêter l'auteur, dresse le procès-verbal des faits et le traduit devant l'Officier de Poursuite Judiciaire à qui elle transmet les pièces à conviction pour poursuite.

**UMUTWE WA VII: ISOMWA RY'URUBANZA**

**CHAPTER VII: PRONOUNCEMENT OF THE JUDGEMENT**

**CHAPITRE VII: PRONONCE DU JUGEMENT**

**Ingingo ya 161: Igihe cyo gusoma urubanza**

**Article 161: Time limits for the pronouncement of the judgment**

**Article 161: Délai du prononcé du jugement**

Urubanza rwose rugomba gusomwa rwanditse mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uherye igihe iburanisha ryasorejwe. Iyo bitabaye ibyo umucamanza cyangwa abacamanza baruburanishije bafatirwa ibihano byerekeranye n'imyitwarire mu kazi.

The judgment must be in writing and pronounced within a period of one (1) month from the closing of the hearing. Otherwise, disciplinary measures shall be taken against the judge or judges who heard the case.

Le jugement doit être rédigé et prononcé dans un (1) mois qui suit la clôture des débats. Dans le cas contraire, les mesures administratives sont prises à l'égard du juge ou des juges du siège.

